

INYIGISHO YA BURI MUNSI
UAMBO RYAWA RYA BURI MUNSI

IGICE CYA 1

Mut-Gash-Wer

2026

Inkuru Nziza

BURI MUNSI

NTA KIGUZI

KUGURISHA NTIBYEMWE

INYIGISHO YAMAZE
KWIGYURWA
NABAFATANYABIREWA
KUGIRA NGO ISAKAZWE KU
BUNGI

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera
zivuye mu gihugu cya kure (Imigani 25:25)

Uebert & BeBe
ANGEL



UBUSOBANURO KU NYIGISHO Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ni igikoresho gikomeye cy'umukristo cyandikanywe ubuhanga kugira ngo gitange amasomo akomeza umuntu mu mwuka buri muni w'umwaka. Itanga ubumenyi bwimbitse, n'ihishurirwa rikomeye, ndetse n'ijambo rya gihanuzi rya buri muni bigamije kuyobora abayisoma mu buzima bugengwa na Kristo, ishingiyeye ku nyigisho zizana impiduka ndetse n'ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Isohoka kane mu mwaka, iyi nyigisho ifite itandukinyirizo ryo kuba igera ku isi hose, ikaba iboneka ku buntu mu ndimi nyinshi kugira ngo irenge inzitizi z'ururimi kugira ngo ubutumwa bwayo buhindura ubuzima bubashe kugerwaho na bose ku isi yose. Isohoka mu byiciro byihariye ari byo icy'abakuru, ingimbi ndetse n'icy'abana, iyi nyigisho y'Inkuru Nziza izana Ijambo rya Gihanuzi kuri buri wese mu kigero cye, bigatera umuryango imbaraga zo gukurira hamwe mu kwizera no mu ihishurirwa.

UEBERT NA BEBE ANGEL

Mu myaka myinshi bamaze mu murimo w'Imana, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Banki y'Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, Ubuzima buyobowe n'Ubuntu bw'Imana ndetse n'Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni, batanze umusanzu ukomeye mu nyandiko za Gikristo. Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana. (Euangelion)



GoodNews
DAILY

IKAZE MU MWAKA W'AMAVUTA ADASANZWE IBITANGAZA BIDASANZWE

Ibyakozwe n'intumwa 19:11

Kandi Imana yakoreshega amaboko ya Pawulo ibitangaza bikomeye.

Ijambo "Yakoreshega" riri muri uyu murongo ryahinduwe rivuye mu Kigiriki "poiéo", risobanura kubaka cyangwa guha ishusho ikintu mu buryo bwa gihanga. Ibi bitwerekaga ko ibitangaza byabereye muri Efeso byari ibitangaza byo mu rwego rwo hejuru, bidasanze, bihambaye kandi bitigeze biboneka ahandi.

Intumwa Pawulo yisanze ari kugendera mu rwego rw'ibitangaza rudasanze, rurenze kure ibyo we yari yiteze, kandi ruruta buri gitangaza yari yarigeze kubona mu murimo we nk'intumwa. Ibyo byari ibimenyetso by'umwuka byo mu rwego rwo hejuru cyane.

Reba interuro igira iti "binyuze mu biganza bya Pawulo." Ibi bidusobanurira ko Imana isohozza imigambi yayo ibinyujije mu bana bayo. Hazabaho Ubuhamya budasanze binyuze mu biganza byawe. Uzakora ibikomeye bitigeze biboneka mu muryango wawe, mu bucuruzi bwawe, ndetse no mu bindi byose bijyanye n'ubuzima bwawe, uhereye none!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu ni umwaka wanjye wo gukora imirimo n'ibitangaza bidasanze. Ndatuma kuri buri muni w'uyu mwaka mushya kunzanira ibyiza by'Imana binkwiriye. Uyu si umwaka wo gutsindwa, ni umwaka wanjye w'ubutsinzi mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Mariko 16:17-18



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Luka 24:35-53; Zaburi 140-150

KU WA GATANU,
MUTARAMA 2

GoodNews
DAILY

IBIMENYETSO BIRI HE?

Mariko 16:17-18

Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica nta cyo kizabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire.

Yesu yagaragaje ibimenyetso biranga abamwizera. Ibi bisobanura ko niba koko wizera Yesu, utagomba gutinya habe namba. Niba utinya indwara, cyangwa se umukoresha wawe, gutangira ubucuruzi, cyangwa se Imibaniire n'abandi, ese ni iyihe Mana wizeye?

Ibyanditswe by'uyu muni bigaragaza ko hari ibimenyetso bidasanzwe kandi bifite imbaraga bigumana n'abizera Imana. Niba ibi ibimenyetso bitagaragara mu buzima bwawe, reba neza urwego rwo kwizera kwawe.

Nagiye nkoresha ibiganza byanjye ku bantu ibihumbi bafite indwara zandura cyane, ariko sinigeze ngira ubwoba bwo kwandura. Nzi uwo ndi we, kandi ubwoba ntibuba mu maraso yanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu mwaka w'amavuta adasanzwe, sinzigera ngirwaho ingaruka n'ikintu icyo aricyo cyose kibi. Satani yaje kundwanya atinze rwose, Naratsinze mu izina rya Yesu! Haleluya!



IBINDI BYANDITSWE
Luka 10:19



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 4-6; Matayo 2

KU WA GATANDATU,
MUTARAMA 3

GoodNews
DAILY

NIZERA IBITANGAZA

Abaheburayo 2:4

Imana ifatanije na bo guhamya ihamirisha ibimenyetso n'ibitangaza n'imirimo ikomeye y'uburyo bwinshi, n'impano z'Umwuka Wera zagabwe nk'uko yabishatse?

Birababaje kubona bamwe mu bantu basoma Bibiliya bavuga ko ibitangaza bitakibaho, nyamara ibyo bitekerezo byuzuye urujijo no kutamenya. Bamwe muri twe tubaho, duhumeka, tureba, kandi duhora tubona ibitangaza buri muni. Erega Kwizera Imana ni ukwemera ibitangaza by'umwuka. Niba utizera ibitangaza, ntabwo wizera Imana!

Igitangaza ni uburyo Imana yivanga mu bibazo by'abantu mu buryo bw'umwuka. Imana, ni Umwuka, ibaho mu isi y'umwuka. Iyo isubije amasengesho iba ivanye ibintu mu isi y'umwuka ikabizana mu isi y'ibigaragara. Ibyo ubwabyo ni igitangaza.

Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, Imana ishaka kuzamura urwego rw'ibitangaza mu buzima bwawe. Turi mu gihe cy'ibikorwa Bitegeze biboneka ahanndi kandi byihariye. Tangira ukore ibyo ljambo rivuga kandi ukomeze wubake ukwizera kwawe kugeza ubwo ibitangaza bizahinduka ibintu bisanzwe mu buzima bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura umuvuduko udasanzwe w'ibitangaza mu buzima bwanjye nonaha, ku bw'Imbaraga nahawe n'Umwuka Wera! Buri kintu cyose kitari ku murongo, uko mvuga, ndategeka ngo kige mu buryo nonaha mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE

Mariko 16:20



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Itangiriro 7-9; Matayo 3



HITAMO IREMBO

Matayo 7:13

Munyure mu irembo rifunganye, kuko irembo ari rigari, n'inzira ijyana abantu kurimbuka ari nini, kandi abayinyuramo ni benshi.

Tekereza woherejwe ku rugendo rufite inzira ebyiri: inzira yoroshye ariko irangirira mu rupfu, cyangwa inzira igoranye ariko iganisha ku buzima. Abantu benshi basenga bashobora guhitamo inzira ya kabiri. Ninde ushaka kubura ubuzima bwe? Inde? Nyamara si ko bimeze.

Abakristo bamwe bisanga bari mu "nzira yoroshye" y'isi, yuzuye amatara amurika, umuziki uryoheye amatwi, imibanire ishimishije, n'ibindi byose by'isi bigaragara nk'aho ari byo byiza. Ariko se koko ni byo?

Bavandimwe, Satani ntiyashobora guhindura ikuzimu ahantu heza. icyo ahindura ni inzira ijyayo. Witondere ibisa n'uburanga iyi si igushukisha. Uyu mwaka ntuzemere kuyoba ngo uve mu irembo rikuyobora ku bugingo buhora.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ko ubuzima bwanjye butazayobera mu nzira yagutse. Muri uyu mwaka w'amavuta adasanzwe, amaso yanjye afungukiye kubona ubucakura bw'umwanzi. Satani yaje atinze, Sinshobora kurangazwa! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Luka 13:24



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 10-12; Matayo 4

KU WA MBERE,
MUTARAMA 5

GoodNews
DAILY

TANGIRA NONAHA!

Mariko 9:38-39

Nuko Yohana aramubwira ati "Mwigisha, twabonye umuntu wirukana abadayimoni mu izina ryawe, turamubuza kuko adasanze adukurikira." Yesu aramusubiza ati "Ntimumubuza, kuko umuntu ukora igitangaza mu izina ryanjye atabasha kunsebya bitamuruhije,

Najyaga ndeba abana banjye bato bahora batangurana kuregana hagati yabo ku makosa bakoze. Buri muni habonekaga byibuze umwe uzana raporo. Ntekereza uko byari bimeze ku bigishwa ubwo babwiraga Yesu ko hari undi muntu ukora nk'ibyo bakoraga. Ariko aho kumucyaha, Yesu akamushima.

Uriya muntu ntiyatinze, yahise atangira kwirukana abadayimoni mu izina rya Yesu! Ntanubwo tuzi uwo yari we, Nyamara yari umusirikare ushize amanga! Yaritegereje neza, nuko abonye amahirwe, atangira gukora ibyo Yesu ubwe yakoraga!

Uyu mwaka, ntuzategereze ikintu na kimwe. TANGIRA NONAHA! Impanda y'ububutse irimo kuvuga cyanemuri uyu mwaka w'Amavuta Adasanze.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu mwaka, nzajya mu byo Imana iri gukora. Ni Njye, wa musirikare uzakora ibidasanzwe mu izina rya Yesu. Haleluya!



IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 12:3



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Itangiro 13-15; Matayo 5:1-26

KU WA KABIRI,
MUTARAMA 6

GoodNews
DAILY

GUSENGERWA N'ABANDI

Zechariya 4:6

Aransubiza ati "Ijambo Uwiteka atumye kuri Zerubabeli ngiri ati 'Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye.' Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.

Birababaje kubona bamwe mu bakristo bafata ubuzima nk'aho ari imikino. Ntibafata ibintu by'Umwuka nk'ibikomeye. Iyo bibutse gusenga, basenga iminota itatu ku muni, bagahita basoza. Bagira ngo bagiye gusenga ku muni runaka, ibirangaza bikabatwara. Nyamara ikintu batajya bibagirwa ni ugusaba abandi ko babasengera.

Reka nkwiutse: ibikurushya byose bizashira umunsi uzamenya imbaraga ziri mu isengesho ryawe bwite. Umurongo w'uyu muni abantu bakunze kuwusubiranamo ibyiringiro, bavuga ko Imana izabatabara. Ariko se yabatabara ite batarigeze baganira na Yo mu isengesho? Umwuka wayo washobora ute kwigaragaza mu mbaraga zawo niba amasengesho yawe yose warizeye ko ari abandi bazayagukorera?

Hagarika guha abandi inshingano z'ubugingo bwawe bw'umwuka. Fata inshingano kandi utangire gufata umwanya wo gusenga ubwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfashe mu nshingano ubuzima bwanjye bwo gusenga. Uko nsenga none, niko ngendera mu butware bwuzuye, ubutsinzi ndetse n'ubwiza buhora bwiyoungera, mu izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
1 Yohana 5:14



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 16-17; Matayo 5:27-48

KU WA GATATU,
MUTARAMA 7

GoodNews
DAILY

HITAMO KUMVIRA

Abafilipi 2:8

Yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.

Mu busitani bwa Getsemane, mu minota ya nyuma mbere y'uko Yesu afatwa ngo abambwe, yasenze cyane agira ati: "Data, nubishaka undenze iki gikombe, ariko bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka" (Luka 22:42). Urabibona? Umwami Yesu ntiyashakaga kubikora; ibyo yasabwaga gukora byari ibintu bikomeye, ariko n'ubundi byarangiye abikoze! Kumvira ntabwo ubikora gusa igihe wumva ubikunze cyangwa aribyo ushaka gukora ahubwo ni ukubikora kuko Imana ari byo ibona bikwiriye.

Umurongo wacu nyamukuru w'uyu muni utwigisha ko icyubahiro Yesu yari afite cyaturutse mu kumvira kwe kugeza no ku rupfu. N'ubwo byari bikomeye cyane, yakomeje kumvira. Bavandimwe, igitangaza ushaka kiri hakurya yo kumvira. Hitamo kumvira Imana.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ubuzima bwo kumvira icyo Imana yampitiyemo. Nicishije bugufi uko nyoborwa n'Umwuka w'Imana muri byose mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 5:19



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 18-19; Matayo 6:1-15

UMUGAMBI UNOZE

Yeremiya 29:11

Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga.

Ibyigisho bya mbere mirongo ine na bitanu muri Yeremiya byibanda ku bucamanza bwari bugiye kuza kuri Yuda kubera kutizera no kutumvira. Mu by'ukuri, Yeremiya azwi nk'umuhanuzi wahorana amarira arizwa n'ibibi byo mu gihe cye. Arika hagati aho hose, Imana itangaza ikintu cyiza cyane: "Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si bibi."

Uyu murongo uhindura ibyari akavuyo ukabihindura ibyiringiro by'Imana. No mu isi yuzuye umwijima, Imana iracyarabagirana mu mucyo wayo. Ibi ni ubuntu n'urukundo Imana igufitiye. Muri uyu mwaka w'amavuta adasanze, genda ushize amanga, umenye neza ko Imana itabika inzikay'ibyo wakoze. Ahubwo ishimangira ko umugambi wayo nyamukuru kuri wowe ari mwiza.

Shyira mu bikorwa iby'iri jambo, utitaye ku byo uri buhure nabyo mu muni.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni Nta cyago cyambaho buzima bwanjye . Umugambi w'Imana kuri nje uratunganye rwose, kandi mpagaze kuri ubwo butungane mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 1:6



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Luka 1:1-20; Zaburi 1-3

KU WA GATANU,
MUTARAMA 9

GoodNews
DAILY

GIRA UWO WUBAKA

1 Abatesalonike 5:11

Nuko rero muhumurizanye kandi muhugurane nk'uko musanzwe mubikora.

Bamwe bafata itorero nk'ahantu ho kwakirira ubufasha gusa. Baryitabira biteze guhura n'ababahuza n'ibibafasha gutera imbere mu buzima. Hari n'abaza bishakira gufashwa gusa, ibyo byonyine. Ibaze buri mukristo afashe uyu murongo w'uyu muni nk'uko uri, agaharanira gufasha abandi aho gutegereza gufashwa. Umubiri wa Kristo wakomera kurushaho cyane!

Niba warigeze kumva wirengagijwe, wanzwe, cyangwa utitaweho, jya utekereza ko hari n'abandi bashobora kuba ariko nabo bari kwiyumva. Nuko rero fata inshingano yo kubitaho. Bahumurize kandi ubakomeze. Ntukabeho ku bwawe gusa. Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, wite ku bandi. Gira umuntu wubaka uyu muni mu kumwoherereza ubutumwa bumukomeza, umuhamagare, cyangwa umusure. Uku ni ko gushyira mu bikorwa ubukristo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagurukiye kuba inkingi y'ubufasha mu kubaka umuntu uyu muni. Ku bw'ubuntu bw'Imana uwo ndi buhure na we wese ndamuhumuriza, mukomeze kandi musubizemo imbaraga mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abaheburayo 3:13



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 20-22; Matayo 6:16-34

KU WA GATANDATU,
MUTARAMA 10



ESE WABA UWO KWIZERWA?

Luka 16:10

Ukiranuka ku cyoroheje cyane, aba akiranutse no ku gikomeye. Kandi ukiranirwa ku cyoroheje cyane, aba akiraniwe no ku gikomeye.

Ndibuka mu minsi ya mbere y'iri torero. Nk'umuhanuzi ukiri muto wari usobanukiwe neza icyo yahamagariwe muri iki gihe, nari mfite ishyamba rikomeye ryo kugeza ubutumwa buziye igihe ku mpera z'isi. Umurimo warihutirwaga, kandi nagombaga kwihuta. Nubwo byari bimeze bityo, Imana yanyujije muri buri somo, ndetse na buri Cyigisho gifatika mu ishuri ryayo. Sinigeze nsiba mu ishuri. Nari wa muhanuzi ufite abayoboke barindwi gusa mu mwaka wose, ariko ubu ni nje wuzuza sitade.

Umurongo w'uyu muni wigisha kuba abizerwa no mu bito. Ibaze icyo nza kuba nararetse umuhamagaro wanjye kubera guhangayikishwa no kugira abayoboke bake, ese nari kuba ndi aho ndi uyu muni? Aho ugeze hose mu buzima, ba uwo kwizerwa. Erekanako ushobora kwizerwa mu bito, maze urebe uko Imana ikuzamura muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura umwuka wo kwizerwa muri nje. Buri kintu cyose nkora, uko cyaba ari gito kose, nzagikorana umwuka w'ubutsinzi mu izina rya Yesu. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 4:2



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 23-24; Matayo 7



ABICANYI BICAYE MU NTEBE!

1 Yohana 3:15

Umuntu wese wanga mwene Se ni umwicanyi, kandi muzi yuko ari nta mwicanyi ufite ubugingo buhoraho muri we.

Sinabara inshuro nahuye n'abantu bafitanye urwango nyamara bicara mu rusengero rumwe, bakumva ijambo rimwe, bakaririmba indirimbo zimwe, ariko bagataha uko baje batahinduwe muri bo. Hari n'abavandimwe baba bakomoka mu muryango umwe bakamara icyumweru cyose barwana nyamara ku cyumweru bakajya mu nzu y'Uwiteka bambaye neza.

Turamutse dufashe uyu murongo w'uyu muni uko uri, muri nyje hari ikibazo nibaza:Twaba dufite abicanyi bangahe mu rusengero uno muni? Abantu bafite inzika, zimwe zimaze imyaka icumi cyangwa irenga, nyamara bavuga ko bafite ubugingo bwa Kristo muri bo.

Yesu yatanze itegeko rimwe: Mukundane. Ntibatangaje kubona afata urwango nk'ikintu gikomeye cyane kuko ari ukunyurana n'itegeko rye.

Ni umwaka mushya. Iga gukunda, tangira none!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ubuzima bushya bwuzuye urukundo. Sinzigera mbika urwango n'undi muni muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe,mu izina rya Yesu.Amen



IBINDI BYANDITSWE
Yohana 13:34



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 25-26; Matayo 8:1-17

KU WA MBERE,
MUTARAMA 12

GoodNews
DAILY

NTUTAKAZE KWIZERA

Mariko 1:11-13

Ijwi rivugira mu ijuru riti “Ni wowe Mwana wanjye nkunda, nkakwishimira.” Uwo mwanya Umwuka amujyana mu butayu, amarayo iminsi mirongo ine ageragezwa na Satani, aba hamwe n'inyamaswa, abamarayika bakamukorera.

Reba uburyo ako kanya nyuma y'uko Umwami Yesu yari amaze guhamirizwa ko ari Umwana w'Imana ikunda cyane, yahuye n'ibigeragezo. Ibi bivuga cyane ukuntu ubuzima bw'umukristo bumeze. Wigeze ubona ukuntu rimwe na rimwe, nyuma y'uko habayeho ikintu cyiza, uhita uhura n'ibicantegye? Ubu nibwo buryo umwanzi akoramo. Ikigambiriwe ni uko utakaza kwizera mu Mana.

Iyo Imana ihamije ko uri umushoramari, umukozi w'Imana, umufasha cyangwa umutware, uwiteguye kurushinga, umunyapolitiki, itegure karwanywa ndetse n'incuti zawe n'umuryango. Yesu yarageragejwe nkawe; yahuye n'ibibazo by'ingutu nk'ibyo nawe uhura nabyo, ariko YARANESHEJE!

Ntutakaze Kwizera. Wamaze kunesha!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzatakaza kwizera, n'ubwo nahura n'ibindwanya bikomeye. Nanesheje ibibazo bibaho byose mu butayu bw'Umwuka: ndi umutsinzi muri Kristo. Haleluya!



IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 10:13; Yohana
16:33



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Itangiriro 27-28; Matayo 8:18-34

KU WA KABIRI,
MUTARAMA 13

GoodNews
DAILY

IZERE UWABISHUSHANYIJE

Imigani 3:5

Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe.

Kimwe mu byanditswe nkunda bivuga ku kwizera no kwiringira Imana kiva kuri Aburahamu, Sogokuruza mukuru. Uku niko icyanditswe kivuga: "Kwizera ni ko kwatumye Aburahamu yumvira Imana imuhamagariye kujya aho yari agiye kuragwa, nuko agenda atazi iyo ajya." (Abaheburayo 11:8).

Bitekerezeho gato, Imana ikubwiye ngo siga ibyo wari uzi byose utangire icyerekezo gishya, nta gahunda y'urugendo uhawe, nta karita y'urugendo uhawe, nta mafaranga nk'impamba y'urugendo, nta na kimwe! Tuvuge ku kwiringira Imana kugeza ku wego rudashingiye kubyo ubashije cyangwa uz, udashingiye ku bo muziranye cyangwa ubwenge bwawe. Aha niho icyanditswe cy'uyu muni kiziramo. Ntukavuge ngo "nsobanukiwe byose kand mfite ibisubizo bya byose". Imana ifite igishushanyo mbonera cy'ubuzima bwawe bwose, yizere, uyiringire, Ni we wabishushanyije!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kuva uyu muni, neguriye Uwiteka imigambi yanjye, ibyifuzo byanjye n'ubushake bwanjye. Nzakurikira ubuyobozi bwe muri byose kandi kubera ibyo, gutsindwa kuvanyweho n'umuriro mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 37:3-5



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 29-30; Matayo 9:1-17



UBURYO BW'IMIKORERE

Abaheburayo 8:5

(Kandi umurimo abo bakora ni igishushanyo n'igicucu cy'ibyo mu ijuru, nk'uko Mose yabwiwe n'Imana agiye kurema rya hema, ngo "Gira umwete wo gukora byose ukurikije icyitegererezo werekewe kuri wa musozi.")

Iyo usuzumye Bibiliya, hari uburyo bw'imikorere bwisubiramo hagati y'isezerano rya kera n'irishya. Abagabo n'abagore bakomeye bafite kwizera bakurikizaga umurongo runaka bakabona ibisubizo. Nk'uko (Mu Baheburayo 11:32-33) byanditswe, "bazibye iminwa y'intare" kubwo kwizera kudacogora.

Icyanditswe cy'uyu muni cyerekana ko Uwiteka akurikiza ubwo buryo bw'imikorere. Afite gahunda yagenwe yo gukoramo ibintu. Niba kwizera kwarazanaga ibisubizo mu bihe bya Bibiliya, kuracyabikora n'uyu muni. Kwizera ni uburyo bw'imikorere bwizeza ibisubizo. Iyo ukurikiye uwo murongo wo kwizera wagaragajwe n'abagabo ba kera mu Ijambo ry'Imana, ibintu birakorohera mu buryo budasanzwe.

Kurikira uburyo bw'imikorere bwagaragajwe bwo kwizera; tangira uhe ishusho umunsi mwiza nonaha. Birebe, byizere kandi ubikoreho. Icyo ni cyo cyitegererezo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpinduye isi yanjye kuba nziza mu buryo bwose bushoboka. Mu kwizera, sinkenye, sindwaye, kandi ubutunzi ni umugabane wanjyemuri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwemu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 15:4



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365
Itangiriro 31-32; Matayo 9:18-38

KU WA KANE,
MUTARAMA 15

GoodNews
DAILY

IMITONGERO NIMIVUMO

Umubwiriza 10:8

Ucukura urwobo azarugwamo, kandi umena urugo, inzoka izamurya.

Mu myaka Myinshi y'umurimo w'Imana, nakomeje kubazwa niba imivumo n'imitongero byagira icyo bitwara umuKristo. Igisubizo cyanyje gihora ari kimwe: iyo wavutse ubwa kabiri, uragwa umugisha nturagwa umuvumo. Nta mukristo wavutse ubwa kabiri ugomba kugorwa n'imivumo, ibyo siko byakagenze. Niba uguma mu Ijambo ry'Imana kandi ukaba mu mahame y'Imana, uba wamaze kurindwa imigambi y'umwanzu.

Rero kuki abaKristo bamwe bigaragura mu mivumo? icyanditswe cy'uyu muni gifite urufunguzo: kuba hanze y'Ijambo ry'Imana bifungurira imiryango inzoka. Bamennye uruzitiro, baha inzoka uburenganzira mu buzima bwabo. (Imigani 26:2) haravugaga ngo, "...Ni ko n'umuvumo w'ubusa utagira uwo ufataho" bisobanuye ko niba umuvumo waje, hari icyawuhamagaye.

Guma mu Ijambo uyu mwaka. Amavuta adasanzwe azatembera byoroshye mu buzima bwawe uruzitiro nirutanyeganyezwa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri mutongero cyangwa umuvumo byavuzwe ku muryango wanjye bikuweho mu izina rya Yesu! Mpisemo kuguma mu ijambo ry'Imana kuva uyu muni. Uruzitiro rwanjye rurakomeye! Haleluya!



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 22:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365
Luka 1:21-38; Zaburi 4-6

IMBUGA YO GUTEGURIRWAMO

Matayo 3:12

Intara ye iri mu kuboko kwe kandi azeza imbuga ye cyane, amasaka ye azayahunika mu kigega, ariko umurama wo azawucanisha umuriro utazima.

Iyo unyuze ahantu bakorera imigati cg ibikomoka ku ifu yingano ccyangwa ifarini, biragoye ko kwirengagiza umuhumuro w'umugati cyangwa ibindi bitandukanye bahakorera. Ariko mbere y'uwo muhumuro habanza imirimo y'ingenzi: gutegura ingano, kuzisya, kuvangura ifu n'umurama kugira ngo babone ifu izakoreshwa.

Icyanditswe cy'uyu muni kiratwerekako imbuga dutegurirwamo mu mwuka. Mu isi y'Umwuka, aha niho kwezwa bibera. Niho utunganyirizwa, gukuraho inshuti mbi, kuva mu byakubase, no kureka imitekerereze mibi. Ku mbuga yo gutegurirwamo, ni wowe n'Imana, ni impinduka y'ibihe, no kongera kwiyezeza muri byose gukorera ubwami bw'Imana.

Iki nicyo gihe cyawe cyo guhinduka, uko ujya ku mbuga y'Imana yo gutegurirwamo, Amavuta Adasanzwe yo gukora ibikomeye aratembera kuri wowe nonaha!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kuri iyi mbuga yo gutegurirwamo, nemereye Umwuka w'Imana gukuraho ibintu byose muri nje bihabanye n'Ijambo ry'Imana. Ntegetse igicucu cyose cy'umwijima kumvaho aka kanya mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Tito 2:14



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Itangiriro 33-35; Matayo 10:1-16

KU WA GATANDATU,
MUTARAMA 17

GoodNews
DAILY

BIVUGE URANGURUYE

Mariko 10:48

**Abantu benshi baramucyaha ngo ahore, ariko arushaho gutaka ati “
Mwene Dawidi, mbabarira.”**

Nkunda kuvuga nti, “Umukristo ucecetse apfa bucece.” Inkuru y’uyu mugabo w’impumyi ibyerekana neza cyane. Abantu bo mu itorero bamubwiye guceceka, ariko we arataka cyane kurushaho.

Uyu muni, dufite abakristo b’abanyanteye nke bazarekera guterana kubera ko gusa umuntu yabarebye nabi. Abantu benshi bashaka ibitangaza byabo, ariko bake nibo bafite ubushake bwo kubikurikirana kubera ko bafite ubwoba bw’ibyo abandi bazabatekerezaho. Ntibanavuga baranguruye bati “Amen” kuko bumva ko byatuma abantu babibazaho cyane.

Uyu mugabo w’impumyi, ntiyigeze yita kubyo abo mu itorero batekerezaga, we yitaye gusa kuri Yesu wenyine. Yabonye igitangaza cye muri Yesu, maze kubwo gushira amanga akavuga n’ijwi riranguruye, yarahumuwe!

Rangurura winjire mu mavuta adasanzwe uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko ndangurura ndi gukura mu mwuka, gukira, kwaguka mu butunzi, ku rushako rwiza, ku butsinzi mu buryo butigeze buvugwa mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Yosuwa 6:20



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Itangiriro 36-38; Matayo 10:17-42

KU CYUMWERU,
MUTARAMA 18



SHIMIRA

Luka 17:17-18

Yesu aramubaza ati “ntimwakize muri icumi? Ba bandi cyenda bari he? Nta bandi bagarutse guhimbaza Imana, keretse uyu munyamahanga?”

Buri uko duteranye, yaba ibiterane bikomeye cyangwa amateraniro yo ku cyumweru, duhora dutegereje ubuhamya bwa mbere. Ubwo buhamya bwa mbere nibwo bufungurira abandi imiryango yo gukurikiraho. Watangazwa no kumva umubare w'abantu bashaka ubufasha ku Mana, ariko bacye nibwo bagaruka gutanga ubuhamya bw'ibyo Imana yabakoreye. Hagiye habaho kenshi ko umuntu nyuma yo kwakira igitangaza gikomeye, agenda agahera burundu atagarutse guha Imana icyubahiro. Birababaje. Wabonye uko mu cyanditswe twasomye byababaje Yesu?

Benedata, kuba indashima ntunazirikane ni ikimenyetso cyuko uba wishyize hejuru y'Imana, ni ubwibone. Kuzirikana no gushimira ni ikimenyetso cyo guca bugufi kandi bikurinda ubwibone. Uyu muni, bigire umukoro wawe guhamya uwo Imana yakubereye. Wibuke kandi gushimira abantu bagufashije kuba uwo uri we.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagaze mu mpinga y'umusozi mvuga n'ijwi riranguruye kugirango Mpamye ibyo Imana yankoreye mu buzima bwanjye. Kuba indashima si umugabane wanjye muri uyu mwakaw'Amavuta Adasanzwe; ndabyanze mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 145:7



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 39-40; Matayo 11

KU WA MBERE,
MUTARAMA 19



Matayo 6:34

Ntimukiganyire mutekereza iby'ejo, kuko ab'ejo baziganyira iby'ejo. Umunsi wose ukwiranye n'ibibi byawo.

Abakristo bamwe bakunze gushaka guha indi shusho kwiganyira kugirango ntibytwe kwiganyira bakoresha amagambo nka " ntabwo Ari ukwiganyira ni uko gusa mfite impungenge" uko byakwitwa kose, biguma ari Ukwiganyira. Muri (Luka 10:41), Yesu yaravuze ati: "Marita, Marita, uriganyira wirushya muri byinshi..." waba umeze nka Marita? Watangiranye umwaka ishyaka ryinshi, kugeza igihe hajemo guhangayikira amafaranga y'ishuri, ubukode, kwishyura ibintu bitandukanye, umubano n'abandi ndetse n'ibindi byinshi. Ni iki kwiganyira byigeze bigufasha?

Kwiganyira bituruka ku kwibanda ku isoko itari yo. Niba Uwiteka Imana Data, umubyeyi wacu, iterwa ishema no kugaburira inyoni no kwambika uburabyo, Ese wowe nturungeje ibyo agaciro kuri we!

Kuva uyu muni, hitamo kutazongera kwiganyira ukundi mu buzima bwawe. Tumbira Uwiteka, we soko idakama y'ibyiza. Uyu ni umwaka mushya n'umuhamagaro mushya, bizakubera uko gusa nurekera kwiganyira. Byikureho ubiharire Imana!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzigera nta umwanya mpangayikira ikintu na kimwe , bitari ubu, yewe, si no mu bihe bizaza mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 41:10



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 41-42; Matayo 12:1-21

KU WA KABIRI,
MUTARAMA 20



MUKURE MU MUTWE Wawe

Yesaya 43:18

Ibya kera ntumubiyibuke, kandi ibyashize mwe kubyitaho.

Uburyo bumwe satani akunda gukoresha ni ugushyira ibitekerezo mu mutwe wawe. Azakubwira uburyo uri mubi, uburyo ntacyo uzageraho, akabisubiramo inshuro nyinshi kugeza wizeye ibinyoma bye byose.

Igihe yabwiraga Eva ko azaba nk'Imana narya ku rubuto, ntabwo byari mu bitekerezo bya Eva ahubwo byavuye kuri satani ubwe! Ibuka ubwo yavuze ngo "nzaba nk'Isumba byose" yashyiraga ibitekerezo bimeze nk'ibye muri Eva!

Irinde sekibi n'uburyo bwe bwose. Azashyira ibitekerezo by'irari, kwiyahura, n' umururumba mu mutwe wawe kandi ntutabyitaho ngo ubwirinde, uzageraho ubikore. Nutangira kubikora azakora ibishoboka byose ngo ubigumemo. Wimuha umwanya mu bitekerezo byawe, mukure mu mutwe wawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkuye buri gitekerezo kibi kitari icy'Imana mu mutwe wanjye. Buri mugambi wose wo kungusha urangiye kandi ukuweho utaranangeraho mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 10:5



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Itangiriro 43-45; Matayo 12:22-50

ISOMO RIVUYE KU MUSINZI

Ibyakozwe n'intumwa 2:4

Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga.

Wari wabona umuntu wasinze ukuntu aba ameze? Ashobora kubona ikirundo cy'imyanda akayijyamo yishimye atekereza ko ari uburiri, cyangwa agasunika umuntu wicaye mu kagare k'abamugaye ategereje ko yiruka. N'ubwo tutemera ubusinzi, hari isomo ryo kwigiramo.

(Abefeso 5:18) haranditse, "...kandi ntumugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi, ahubwo mwuzure Umwuka Wera." Hari impamvu ibyanditswe birimo kugereranya ibi. Umusinzi ntabona ibintu nk'uko abandi babibona. Ntabwo agenzura ibikorwa bye; inzoga yanyweye nizo zibigenzura. Mu buryo nk'ubwo, iyo wuzuye Umwuka Wera, niwe uba ukugenzura. Umwemerera kuyobora ubuzima bwawe, agatangira kukwereka inzira. Utangira kubona ibintu mu buryo butandukanye, ukavugana imbaraga, ukatura ibitangaza bidasanze kandi bikaba. Hitamo guhora wuzuye Umwuka wera minsi yose y'uuyu mwaka.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nk'ikiremwa cyuzuye Umwuka Wera, ndareba mu mwaka wanjye wa 2026 nkabona ari umwaka ari ukuzanuka byoroshye kandi ni n'umwaka w'amashimwe menshi mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 3:19



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Itangiriro 46-48; Matayo 13:1-30



UMVIRA ABABYEYI BAWE

Abefeso 6:1-2

Bana, muje mwumvira ababyeyi banyu mu Mwami wacu, kuko aribyo bibakwiriye, Wubahe so na nyoko(iryo ni ryo tegeko rya mbere ririmo isezerano).

Ijambo ry'Imana ribisobanura neza iyo ritanga amabwiriza ku mibanire hagati y'abana n'ababyeyi babo. Nshaka ko witondera uburyo umurongo wa 1 n'uwa 2 bivuga ibyiciro bibiri bitandukanye by'ababyeyi. Iyi mirongo ntabwo yisubiramo; ahubwo harimo isomo ryo kwigiramo. Umurongo wa 1 uvuga ku kubaha ababyeyi bo mu mwuka Imana yashyize hejuru yawe, umurongo wa 2 ukavuga ku babyeyi bawe mu mubiri.

Iyo utubashye ababyeyi bawe, abo mu mwuka no mu mubiri, bigira ingaruka mbi mu buzima bwawe. Ubutsinzi bushobora kuza, ariko bushobora kuzana n'ibihe byo kuzenguruka mu bibi no mu byiza, ibihombo no guhungabana. Kubaha ababyeyi bawe ni ibwirizwa riva k'Uwitwaga Imana rigusezeranyya ubuzima bwiza! Ububahe uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kuva uyu muni, ndashyira imbaraga nyinshi mu kumvira no kubaha ababyeyi banjye bo mu Mwuka no mu mubiri. Uko bampa umugisha kandi bakandeberera, ubuzima bwanjye bushyizwe ku murongo mwiza, kandi ndatsinda muri byose mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 6:20



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Luka 1:39-56; Zaburi 7-9

UBUZIMA BUTANGAJE MURI NJYE

Yohana 21:25

Ariko hariho n'ibindi byinshi Yesu yakoze, byakwandikwa byose ngira ngo ibitabo byakwandikwa ntibyakwirwa mu isi. Amen.

Ubuzima bwa Yesu bwari ubuzima budasanze bwaranze n'ibitangaza bidasanze, n'ibikorwa bitigeze biboneka ahandi. Tekereza kubona umuntu ugaburira abantu ibihumbi bitanu akoresheje amafi abiri n'imigati itanu gusa cyangwa kurema ijisho akoresheje amacandwe n'ibitaka. Ni ubuhe buryo budasanze bw'imbaraga bwari muri we? Ubwo nibwo buri muri wowe!

Impamvu y'ibitangaza byanditswe muri Bibiliya ni ukugira ngo bigutereimbaraga zo gukoresha ugusigwa kw'amavuta adasanze ari kuri wowe. Nta kintu na kimwe kibaho udashobora gukora. Ukomeye ari muri wowe, itoze ubwo buzima budasanze uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ku bw'ugusigwa kw'amavuta adasanze kuri kuri nje nzatanga ubuhamya bwinshi kugeza igihe bizagorana gukurikirana ibyo bitangaza. Ubuzima bwanjye ni bwiza, nta kindi kiburusha ubwiza! Imana ihabwe icyubahiro. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Yohana 20:30-31



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Itangiriro 49-50; Matayo 13:31-58



GoodNews
DAILY

IGICUCU CYANJYE GIFITE IMBARAGA

Ibyakozwe n'Intumwa 5:15

Byatumaga bazana abarwayi mu nzira bakabashyira ku mariri no mu ngobyi, kugira ngo Petero nahanyura nibura igicucu cye kigere kuri bamwe.

Numvise abantu bavuga amagambo Arimo ubujiji ngo, "ibitangaza ntibikibaho; byari ibyo mu bihe bya Bibiliya gusa." mbega ukuntu biri kure y'ukuri. (Abaheburayo 13:8) hatubwira ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni niko ari kandi niko azahoraho iteka ryose! Niba yarabikoze muri Bibiliya, n'uyu muni arabikora!

Reba icyaditswe Cy'uyu muni. Ntibizigera byumvikana ku muntu utazi Imana. Gutekerezwa ko igicucu cyakiza umuntu? Ariko twarabibonye inshuro nyinshi zitabarika mu murimo w'Imana dukora aho abantu bafite uburwayi bwose butandukanye banyura ku gicucu cyanjye, ubuhamya bukusikiranya ari bwinshi. Ibyo ni ibiki? Ni imbaraga, kandi uyu niwo mwaka wo kuzikoresha!

Uyu mwaka, n'igicucu cyawe kizakora ibitangaza! Biroroshye; nibwo buryo waremwemo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Hari imbaraga zituruka muri njye. Uko ninjira muri uyu muni, kubera gusa kubaho kwanjye, ibintu byose biragenda neza mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Luka 8:43-48



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Kuva 1-3; Matayo 14:1-21

KU CYUMWERU,
MUTARAMA 25

GoodNews
DAILY

NTA MBIBI

Luka 1:37

Kuko ari nta jambo Imana ivuga ngo rihere.

Turirimba iki cyanditswe, tukakivuga, tukacyandika ku mipira, tugakora ibyapa n'imitako byanditseho mu nzu zacu, ariko se koko turabyizera?

Ikintu kimwe cyangije mu mitwe y'abakristo ni ugukurira mu isi aho abantu bigishwa ko imbibi zabo ari ubuzima busanzwe. Guhera mu minsi ya mbere y'ishuri abana bashyirwa mu byiciro bitandukanye abo bita abazi ubwenge, n'abandi basigaye; kuva ubwo benshi bakura bumva ko hari imbibi batarenga kandi ko batazi ubwenge. Iyo bageze aho babona akazi, nabwo bashyirwa mu byiciro bagashyirirwaho imbibi ku byo bashobora gukora n'ibyo badashobora gukora.

Abakristo bazana iyi myumvire no mu nzu y'Imana. Baza bafite ibitekerezo bimaze kumenyera kugira aho bigarukira, kandi izo mbibi bakazishyiriraho n'Imana. Bikabagora kemera Uwitaka Imana ishobora gukora ibitangaza bidasanzwe. Imana nta mbibi igira. Vugurura imitekerereze yawe uyu muni umenye ko Imana ishobora byose!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nta kintu na kimwe kigoye Imana. Buri cyifuzo cyanyje cyose kiraza gushyirwa mu materaniro uyu muni mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Yeremiya 32:17



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Kuva 4-6; Matayo 14:22-36



BICAGAGURE

Ibyahishuwe 19:15

Mu kanwa ke havamo inkota ityaye kugira ngo ayikubite amahanga, azayaragize inkoni y'icyuma. Yengesha ibirenge mu muvure w'inkazi y'umujinya w'Imana Ishoborabyose.

Ubutsinzi buvugwa mbere yo kububona. Akanwa kawe ni amarembo inkota inyuramo. Ijambo mu kigereki “akanwa” bivuga “stoma” bisobanuye ubugi bw'inkota. Akanwa kawe ni intwaro; gashobora kukuraho byinshi. Imana yahaye imbaraga amagambo yawe kugira ngo abe atyaye neza kuruta urwembe babagisha mu bitaro.

Uko usenga kandi watura, fungura amaso yawe yo mu mwuka ukoresheje ibitekerezo byera. Reba icyo kibazo nk'aho kiri gucikamo uduce twinshi. Kora nkaho uri kubaga icyo kibazo gihangayikishije umubiri wawe, kibwire ugikureho mu izina rya Yesu! Ntiwite ku mbaraga izo arizo zose zahagurukiye kukurwanya, ideni, uburwayi, kudirira, igitutu cy'abadayimoni; koresha amagambo yuzuye kwizera Urasa ku ntego ucagagure umwanzu! Bivuge udahwema muri uyu mwakaw'Amavuta Adasanzwe, ukomeze ubicagagure kugeza aho ibigize ingumu bigwa bigashiraho.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kwiruka; akanwa kanjye ni intwaro yirukana ibindwanya. Amagambo yanjye akomejwe n'Umwuka Wera, asenya ibitero byose bya satani binkikije. Ndavuga, inzitizi zose zigacanyagurika mu izina rya Yesu! Amen!



IBINDI BYANDITSWE
Abaheburayo 4:12



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Kuva 7-8; Matayo 15:1-20

KU WA KABIRI,
MUTARAMA 27



UBUSHISHOZI N'IMIRIRE

Yesaya 7:15

Amata n'ubuki nibyo bizamutunga kugeza aho azamenyera ubwenge bwo kwanga ibibi agakunda ibyiza.

Wari uzi ko imirire yawe igena ubushishozi bwawe? Yesaya yahanuye ko imirire ya Yesu “amata n'ubuki”, yitozaga kugira ubushishozi “kugira ngo azamenye (yada'; bivuze: kumenya ikintu kubera uburambe ugifitemo) kwanga ibibi agahitamo ibyiza.” Isi ivuga ko “uri ibyo urya” Muri Bibiliya, uko urya ubu uri kumenya. Ibyo urya: ibyanditswe byera, inama, amakuru, ingeso, bikomeza cyangwa bikoroshya ibitekerezo byawe mu Mwuka. Ndetse no mu mubiri, imirire igena ubushobozi. Mu mwuka, kuwugaburira Ijambo ry'Imana bihindura imitekerereze yawe ku buryo kwanga ikibi ugahitamo icyiza bihita byikora.

Toranya ibyo urya. Uzuza umunsi wawe “amata n'ubuki” byo mu Mwuka: Ijambo ry'Imana, kuramya, amagambo y'ubuhanga. Iyime ibiguhuma amaso mu gufata ibyemezo bizima. Mbere yo gufata umwanzuro, “umva” ibyanditswe usoma, ubitekerezaho kandi ubyature. Reka ikarita y'ibyo kurya byawe bigene imico yawe kandi wemerere appeti yawe gutoza ubushishozi bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngaburira ubugingo bwanjye Ijambo, imitekerereze yanjye iratozwa. Nzi kwanga ikibi ngahitamo icyiza. Appeti yanjye iri mu murongo n'ijuru; ibyemezo byanjye biraboneye kandi intambwe zanjye zirahamye mu izina rya Yesu. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abaheburayo 5:14



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Kuva 9-11: Matayo 15:21-39



KWIRINDA AMAZIMWE

Imigani 18:8

Amagambo y'inzimuzi aryohera amatwi, Aba nk'uturyohera umuntu asamuye tuja mu nda ye.

Amazimwe akamura imbaraga! Imana nta muntu isiga amavuta ngo arekere kuzimura, ahubwo ibwira itorero Kubikuraho. Abanyamazimwe bangiza icyizere, barangaza intumbero kandi baca intege icyo Imana iri kubaka.

Amagambo ni intwaro. Mu kanwa kabi, ahinduka umwanda! Hakana kuba umuyoboro w'utwo tuntu turyohera amatwi. Umuntu ukomeza kukugaburira amazimwe, ntabwo aba ari inshuti yawe; aba ashaka ko umutega amatwi.

Uku niko warinda umwuka wawe muriyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe;

Iherere: Subiza inyuma ibikugusha, kubyiyegereza ni ukubymemerera.

Hindura icyerekezo: "ahubwo reka tubasengere" niba inkuru utayivuga mu isengesho, ntikwiriye kuvugwa.

Hakana: "ntabwo ari nje mwaganira ibyo" funga umuryango ku neza ariko ushikamye.

Simbuza: uzuza akanwa kawe gusenga winginga, ibyanditswe byera, n'ibisubizo. Ubaka ibyo umwanzi agerageza gusenya.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nitandukanyije n'amazimwe n'abayavuga. Amatwi yanjye ni amarembo y'ukuri, akanwa kanjye karubaka, karakiza kandi gatanga umugisha. Ndatara ubugingo, ngakuraho intonganya n'ibitagenda neza, kandi nkarinda ubumwe bw'inzu y'Imana mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 16:17-18



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Kuva 12-13; Matayo 16



UZUZA IBICU BYAWE

Umubwiriza 11:3

Iyo ibicu byuzuwemo n'imvura biyisandaza ku isi, kandi igiti iyo kiguye cyerekeye ikusi cyangwa ikasikazi, aho kiguye ni ho kiguma.

Nk'umukristo, ushobora guhindura buri kintu cyose biciye mu isengesho, ugaca mu marembo yose y'umwuka ubinyujije mu masengesho, ugafata ibirindiro by'abadayimoni mu isengesho, kandi ukanatwara amahanga biciye mu isengesho. Mu magambo uvuga, witoreza mu mwuka kuzuka ibicu byawe na buri kimwe cyose ushobora gukenera.

Utitaye ko ubukungu bumeze nabi, niba ibicu byawe byuzuye, nta yandi mahitamo bifite uretse kugusha imvura y'ubukungu kuri wowe! Uyu niwo mwaka wo kwaturamo amagambo azana impinduka mu buzima bwawe, mu kazi kawe, mu rushako rwawe, mu mujiyawe byangwa ikindi cyose kigendanye n'ubuzima bwawe. Atura amagambo mu kirere maze urebe uko ibicu byuzura imvura. Kugeza ubwo itangira kugwa, mwenedata, wihwema kubivuga, komeza ubivuge, nta kabuza uzabona byinshi birenze!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amagambo yanjye afite imbaraga. Uko mvugamuri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, nkanafata ubutware, ibitangaza, n'ibimenyetso birisukiranya ku muryango wanjye no mu gihugu cyanjye. Impinduka iraje kubera amasengesho yanjye. Haleluya!



IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 45:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Luka 1:57-80; Zaburi 10-12

KU WA GATANU,
MUTARAMA 30

GoodNews
DAILY

UBUSHOBOZI!

Luka 9:1

Ahamagara abigishwa be cumi na babiri arabateranya, abaha ubushobozi n'ubutware bwo gutegeka abadayimoni bose no gukiza indwara.

Buri mukristo yigeze gusaba ubushobozi nk'icyifuzo rimwe cyangwa kabiri mu buzima bwe. Ariko wowe wari wibaza ubushobozi muri Kristo koko icyo aricyo? Ndaguha ubusobanuro: ubushobozi ni imbaraga, ububasha bwimbitse bwo gutuma habaho impinduka. Ni ubwoko bw'imbaraga zibyaramo izindi mbaraga ubwazo, ubushobozi bugaragaza ibisubizo bifatika.

Yesu yatubwiye ko yaduhaye ubushobozi n'ubutware bwo gutegeka abadayimoni bose no gukiza indwara. Ndifuza ko wabyakira ukabigira ibyawe. Iyo uba wamenyaga gusa ukumva ko ububasha buturuka ku Mana buri hano mu mwuka wawe kugira ngo butume habaho impinduka mu buzima bwawe, ntiwakabaye wumva ukandamijwe nk'uko umeze.

Izi mbaraga n'ubushobozi bihindura ubuzima biri muri wowe aka kanya. Niba waravutse ubwa kabiri, urabufite ubu bushobozi muri wowe. Izere gusa, ubishyire mu bikorwa uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka ibintu byose byapfuye biri hafi yanjye kugarura ubuzima! Ibyari bisinziriye byose bikanguke aka kanya, kubw'ubushobozi mfite mu izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Yohana 14:12



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Kuva 14-15; Matayo 17

KU WA GATANDATU,
MUTARAMA 31

GoodNews
DAILY

URI IKIRERE

Luka 10:5

**Nimuja mugira inzu yose mwinjiramo, mubanze muvuge muti,
'Amahoro abe muri iyi nzu.'**

Buri mwana w'Imana wese agira ikirere. icyanditswe cy'uyu muni kirabigaragaza. Imana ntiyari kuzigera isakaza amahoro iyo uza kuba nta bubasha bwo guhindura ikirere ufite. Iyo ugeze ahantu ukatura amahoro, ibihe by'amahoro bitangira kuganza guhera uwo mwanya. Ahari hari imvururu cyangwa ikibazo gikomeye, kubera ko gusa uhinjiye, ituze rikagaruka.

Amahoro ni ukugira imbaraga hejuru y'iibihe bibi cyangwa ibiruhije bigoye uri kunyuramo. Uko wakira izi mbaraga zidasanzwe, utuma habaho ituze hagati y'ishuheri y'imiyaga. Iyo abantu bari kunyura mu bihe bigoye bakubonye, wowe kirere, hahita habaho umunezero ako kanya aho hantu ugeze. Umwuka w'ubutsinzi wuzura mu kirere, ibyiringiro byose bikagaruka! Uri ikirere mu mwaka w'Amavuta Adasanzwe. Koresha izo mbaraga zidasanzwe mu buryo bwuzuye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura amahoro ahantu hose nkandagiza ibirenge byanjye uyu muni, uhereye mu nzu yanjye. Ndi ikirere, kandi aho ngenda hose, ngendana ubutumwa bwiza. Haleluya! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
2 Abatesalonike 3:16



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365

Kuva 16-18; Matayo 18:1-20

UTANGA BIRI MURI KAMERE

2 Abakorinto 9:8

Kandi rero Imana ishobora kubaŝazaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose.

Nkunze kuvuga ko niba utaravukiye mu muryango ukize, umuryango ugomba kugukomokaho. Ariko ikibazo ni iki, gute? Hose mu byanditswe, igikurura umugisha udasanzwe uva ku Mana idasanzwe ni Ugutanga! Nubwo byumvikana nk'ibyoroshye, ariko Gutanga kwawe nibyo bitera Imana gusuka imigisha myinshi mu buzima bwawe, kuko udashobora gutanga kurusha uko Imana Iguha!

Ikosa Abakristo benshi bakora nuko basimbuza gutanga amasengesho, kwiwiriza, no guterana. Ibuka ko, uba uri gukorana n'Umwami w'Abami, kandi ni ihame ry'ubwami ndetse n'abami bo mw'isi bagenderaho bakora ibishoboka byose ngo bahe ibirushijeho uwabahaye impano wese!

Ha Imana ubutunzi bwawe utanga muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, maze urebe uko Imana Iguha umugisha urenze ibyo utekerezza!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uhereye uyu muni, nzaba intwarane mu gutanga! Sinzagira ibyo ngundira gutanga. Bityo, ubuzima bwanjye buzakomeza gutera imbere mu Izina rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 8:32



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365

Kuva 19:21; Matayo 18:21-35



UBUBYUTSE BWITE

Ibyakozwe n'Intumwa 5:14

Nyamara abizeye Umwami Yesu bakomezaga kubongerwaho, abantu benshi b'abagabo n'abagore.

Ububyutse ni ubw'umuntu ku giti cye. Bugizwe no kwatsa umuriro ukurimo imbere kubwa Kristo. Ntushobora kugira ububyutse ngo ugume uko wari umeze. Inzara wari ufitiye Imana iratumbagira igihe ugize ububyutse; ubukristo bwawe buziyongera, ubuzima bwawe bwo kwiga Ijambo ry'Imana buzazamuka, ubuzima bwawe bwo gusenga buzakomera, kandi ntuzaharira kwiyiriza abayobozi bo mu itorero gusa.

Ububyutse busaba inzara y'iby'Imana itazimywa. Igikoresho gifite ububyutse kigirira umumaro Umukoresha kandi Bakaguma ku iziima kabone niyo ubuzima bwabo butarokoka nk'abahungu batatu b'Abaheburayo banze kunamira ishusho ya Nebukadinezari. Bajugunywe mu muriro, ariko Imana irabarinda, bavamo ntacyo babaye. Iyo uhagurutse ukavugira Imana, nayo irakurwanirira. Reka ibi bibe imitekerereze yawe muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nahamagawe n'Imana, ndi umukozi, sinkwiriye kugira isoni. Nzahamya Ijambo ry'Imana nshize amanga aho njya hose, nta bwoba, kuko ndi umwizerwa ku Mwami w'Abami! Haleluya!



IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n'intumwa 19:18



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Kuva 22-24; Matayo 19



UBUZIMA BWO KUBA MU BUTAYU

Matayo 4:1

Maze Yesu aryanwa n'Umwuka mu butayu kugeragezwa n'umwanzi.

Isezerano rishya rihishura ubushake bwa Data ku buzima bwacu. Yesu ni we rugero rukwiye kandi ruhebuje rwo kugendera mu bushake bw'Imana, ariko yajanywe mu butayu kugira ngo ageragezwe na Satani.

Ushobora kuba uri hagati mu bushake bw'Imana ariko ugahura n'ubuzima bwo mu butayu. Yesu, Imana yambaye umubiri, yagombaga kugeragezwa kugira ngo nje nawe tumenye ko kuba mu isi bigira ibihe byo kugeragezwa bidusunikira mu butayu. Ubutayu ni ahantu h'umwuma, hari ubushyuhe bukabije, kandi hitaruye, ariko ntuzigere utekereza ko uri hanze y'ubushake bw'Imana kubera ko ubuzima bukomeye.

Ariko ndavuga yuko umuragwa iyo akiri umwana atagira icyo atandukanaho n'imbata, nubwo yaba ari nyir'ibintu byose.

Mu bihe bya kera, abami n'ingoma zategetse imyaka myinshiyateguraga imitungo n'umurage ku bana babo, bagamije gukomeza ubukire n'umurage wabo. Abari bafite uburenganzira bwo kuzungura ariko batarageza igihe, bitwaga "abazungura b'ukuri." Birababaje ko abakristo benshi babaho ubuzima bwabo bwose batigeze bafata umurage wabo wuzuye w'Imana. Kubera iki? Kuko bibagora kwitandukanya n'ibinezaneza by'isi, kugira ngo biyegurire Imana burundu.

Mu mateka, abazungura b'ukuri kenshi babaga ari abana bato, ni yo mpamvu Bibiliya ivuga ko abakiyoborwa na kamere y'umubiri ari "abana"! Igihe cyose ukomeje kwifatanya n'ibyishimo by'isi bitaramba, uzabaho nk'umwana, utagera ku burenganzira bwawe by'ubumana. Ubukure nyabwo butangira igihe wemeye umurage wawe wuzuye muri Kristo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umurage Kristo yampaye uruta ubutunzi n'icyubahiro. Imana yanteguye gutsinda! Nanze isi, mfata umwanya wanjye mu batangaje. Ubukene ntibuzi aho ntuye, mu Izina rikomeye rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Abagalatiya 4:3



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Kubara 33-34; Mariko 8:22-38

ABASABIRIZA NTIBATORANYA

Ibyahishuwe 1:6

akaduhindura abami n'abatambyi b'Imana ye ari yo na Se, icyubahiro n'ubutware bibe ibye iteka ryose, Amen.

Imana yahinduye abana bayo abami n'abatambyi! Igice cy'ingenzi mu gutozwa kwawe ni ukumenya iri hame ryorohye ariko rifite uburemere: abami ntibasaba! Wenda wigeze wumva ijamba rivuga ngo "abasabiriza ntibatoranya." Mu yandi magambo iyo wifata nk'usabiriza, uhora usaba kandi wemera ibiciriritse, uba uha ibihe ububasha bwo kugena uko ubaho, ukikuraho ubushobozi bwo guhitamo ibyiza Imana yaguteguriye. Imana yaguhaye imbaraga zo gutsinda buri kintu cyose.

Uyu mwaka, ganza buri kigeragezo cyose ukoresheje ugusigwa kw'amavuta adasanzwe. Nk'umwana w'Imana, wahamagariwe kwifata mu buryo bugaragaza ubutware, ubuntu, n'ubutunzi bukwiye abami. Mu gihe kubaho muby'isi byahaza umuntu w'umunyamubiri, umuhamagaro w'Imana igufitiye wowe uri ku rwego rwo hejuru. Genda nk'umwami, ureke kubaho nk'usabiriza.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi UMWAMI! Isi n'imiyoborere yayo ni abagaragu banjye. Sinshobora gukena cyangwa ngo ntindahare. Singomba gusabiriza ku Mana kugira ngo ihindure ubuzima bwanjye; yarabikoze. Intsinzi ni iyanjye!



IBINDI BYANDITSWE
1 Petero 2:9



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Luka 4:23-44; Zaburi 26-28



KUWA GATANU, WERURWE

13

GoodNews
DAILY

UBUTUNZI BWUZUYE

2 Abakorinto 8:9

kuko muzi ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo uko yari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwanyu kugira ngo ubukene bwe bubatungishe.

Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, nta mwanya w'ubukene uri mu Bukristo! Nubwo ibi bishobora kugaragara nk'amagambo ateye impaka cyangwa akomeye kwakirwa, Ibyanditswe Byera byemeza iri hame ry'umwuka n'iryo ku mubiri. Abana b'Imana ntibagengwa n'imitegekere y'isi. Ahubwo, duhamagariwe gushyira hejuru ubwami bwo mu ijuru bw'itunga ryuzuye n'ubutunzi busesuye hejuru y'uburyo bw'isi.

Ushobora guhitamo ubukene, niba wirengagije ibyo Kristo yaguteguriye abicishije mu rupfu rwe no mu izuka rye, ukabaho muni y'indangamuntu yawe y'Imana; cyangwa ushobora guhitamo kugenda mu mwuzuro w'amasezerano yose Yesu yasohoje. Umurage wawe mu Mwami ni ubuzima naho ubukene, indwara, n'ibyago ntago bya kugeraho., ubuzima bw'UBUTUNZI BWUZUYE!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntera imbere mu byo nkora byose! Nanze ubuzima bw'ubukene bushobora gupfobya impano Kristo yanteguriye. Ubutunzi bwanjye n'iterambere ryanjye nta mipaka bifite. Amarembo y'amahirwe n'imigisha bizangeraho muri uyu mwaka!



IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:10



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Kubara 35-36; Mariko 9:1-32

UMUTANGA RUKUNDO

1 Yohana 4:20

Umuntu navuga ati “Nkunda Imana” akanga mwene Se aba ari umunyabinyoma, kuko udakunda mwene Se yabonye atabasha gukunda Imana atabonye.

Si ibintu biteye bitangaje kubona abantu benshi bavuga ko bakunda Uwitwaga n'umutima wabo ndetse n'ubugingo bwabo bwose? Ariko urwo Rukundo ntirugaragara icyo ruterekaniwe kuko barebesha amaso. Ibyanditswe birasobanutse neza, niba ufiteye urwango umuntu n'umwe, ibyo kuvuga ko ukunda Imana ni ikinyoma! Biroroshye kuvuga ko ukunda Kristo, ariko urukundo nyarwo rugaragarira mu buryo ufata abandi.

Benshi bibaza impamvu batarabona imigisha yanditswe mu Byanditswe Byera, ntibamenye ko mu maso y'Imana batabarwa mu bayikunda by'ukuri. Kubera iki? Kubera urwango babitse mu mitima yabo. Kunda n'udakundwa, Atari uko babikwiriyeho, ahubwo kuko Kristo yakunze wowe mbere, ubwo wari mu mwanya mubi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umutanga rukundo! Urukundo rwanjye ku bandi ni ikimenyetso cy'uko Imana iri muri jye. Urwango, ishyamba n'ubugome ntibishobora kuboneka muri jye! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 5:8



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Gutegeka kwa Kabiri 1-3; Mariko
9:33-50



UWAHAMIJWE ICYAHA

Nahumu 1:3

Uwiteka ntiyihutira kurakara, afite ububasha bwinshi kandi ntabwo yatsindishiriza utsinzwe n'urubanza. Inzira y'Uwiteka iba mu ishuheri no mu mugaru, kandi ibicu ni nk'umukungu utumurwa n'ibirenge bye.

Imiterere y'Umukristo nyakuri ni iyo kubabarira vuba, no gukunda n'abatabikwiriye, bitewe n'urukundo rwabanje kugaragarizwa twe binyuze kuri Yesu Kristo ku musaraba. Nubwo ibi ari ukuri kuri buri Mukristo, abantu benshi bafata imyifatire nk'iyi y'Imana bayigereranya no kuba abanyanteye nke cyangwa abatagira kivurira mu gihe barimo kurwanywa n'umwanzi. Ariko ibyo si ukuri na gato!

Icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko Imana itazigera ireka abakurwarwanya ngo ntibahanwe. Iyo wikoreje imitwaro yawe Umucamanza w'Isi yose, wizere ko azatanga urubanza rukwiye ibyaha umwanzi yagukoreye. Ukorera Imana ifite imbaraga nyinshi. Ntugahangayikishwe n'ibyo abantu bashobora kugukorera, kuko azitura ibibi byose wakorewe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri mwanzi wese uri kundwanya azahamywa n'icyo cyaha. Ku bw'amavuta adasanzwe ari muri njye, buri gikorwa cyose cy'umwanzi cyanteguriwe kizahanishwa umuriro mu izina rya Yesu! **NDI UMUTSINZI!**



IBINDI BYANDITSWE

Gutegeka kwa Kabiri 32:4



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Gutegeka kwa Kabiri 4-6; Mariko 10:1-31

IBITARO BITARIMO ABARWAYI

Yesaya 53:5

Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.

Nk'umwana w'Imana, ubuzima bw'Imana (ubuzima bwo mu buryo bw'umwuka) ni uburenganzira bwawe kubwo gucungurwa Kristo yaguteguriye abinyujije mu kuzuka kwe. Ubuzima bwo kurwara, n'ingendo zo mu bitaro ntibyigeze biba mu mugambi w'Imana kuri wowe. Hakana imigambi yose y'umwanzi yo kukuzanira indwara mu buzima bwawe no mu muryango wawe, kuko Kristo yishyuye byose kugira ngo ugire ubuzima buzima bwuzuye!

Iyo ugendeye kuri iri hame ry'ukuri, Imana ikwita utwaye kandi utanga imbaraga zo gukiza ku bandi bakeneye gukira. Imana yaguhaye ububasha ku ndwara zose no ku burwayi bwose. Ni inshingano yawe gukiza abarwayi no kubakura mu mwijima bakajya mu mucyo w'Imana w'icyubahiro, kugeza igihe ibyumba by'indembe, amavuriro, n'ibigo byakira abarwayi byose bizasigaramo ubusa

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yampaye ubuzima bw'Imana! Yampaye imbaraga zo gusangiza izo mbaraga zo gukiza ababikeneye! Indwara n'uburwayi ni ubutane mu muryango wanjye, mu Izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Mariko 16:17-18



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365
Gutegeka kwa Kabiri 7-9; Mariko 10:32-52



INDANGA CYEREKEZO Y'IMANA

Abafilipi 1:6

Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko lyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku muni wa Yesu Kristo.

Sisitemu y'ikoranabuhanga yo kumenya aho umuntu aherereye ku isi (GPS) ikoresha ibimenyetso bya satellite kugira ngo imenye aho uri neza kandi ikuyobore aho uya. Kimwe mu bintu bitangaje cyane kuri GPS ni ubushobozi bwayo bwo guhindura inzira igihe uvuye mu nzira nyayoUko wayoba kose, GPS ihora igushyira mu nzira ikwiye ijya aho wari ugenewe kugera.

Ku Mukristo, ubu nibwo buryo Imana ikora mo. Utitaye ku makosa wakora n'aho waba wayobye inzira, ihora igusubiza mu murongo w'icyo Kristo yaguhamagariye kuba.

Ntukirebere mu ishusho y'ejo hashize. Imana ntitinda ku makosa yawe, ishishikajwe no kukugarura ikakuyobora mu nzira zawe zose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Itsinzi yanjye yaremejwe igihe nkurikira inzira Kristo yanshyiriyeho! Nta makosa cyangwa imyanzuro mibi yo mu bihe byashize, Nizeye rwose ko umurimo mwiza Kristo yatangiye muri jye, Azawusohozza kugeza urangiye mu Izina rikomeye rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Yeremiya 29:11



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**
Gutegeka kwa Kabiri 10-12; Mariko
11



UMUTIMA W'UMURABA

Ibyahishuwe 3:15-16

'Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka.

Mu byerekeye ubumenyi bw'ikirere, inkubi z'imiyaga ikomeye nka hurricanes zivuka iyo umwuka ushyushye n'ukonje bihuye, bigatera ihungabana mu kirere. Ibyo bitera imiyaga ikomeye, imvura y'inkangu, n'inkubu y'imyuka yo mu kirere. Ariko hagati yabyo habaho umutima w'umuraba, ahantu haba hafite ituze ituze nyamara rikikijwe n'akaga.

Muri ubwo buryo, kuba rimwe ushyushye ikindi gihe ukonje mu by'Imana bitera akajagari no kudakomera mu mwuka. Imibereho yo kuba hagati, rimwe uri imbere ubundi inyuma, ishobora gusa n'aho nta kibi iteye, ariko izana gusenye kw'amahoro yawe, intego yawe, n'umubano wawe n'Imana. Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, hitamo uyu munsu gushyira umutima wawe wose kuri We. Aka umuriro ku bwa Yesu, maze uzabona ibitangaza bye bitabarika bigaragara mu buzima bwawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kubaho mu buzima bw'akazuyazi! Nshyize umutima wanjye wose mu buzima Kristo yampaye. Mbayeho ku bw'Imana, ndirukana inkubi z'imiyaga z'ibyo n'isenye mu buzima bwanjye. Amen.



IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 1:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Gutegeka kwa Kabiri 13-15; Mariko 12:1-27

GoodNews
DAILY

IJAMBO MU NYAMASWA ZO MU BUTAYU

Mariko 1:13

amarayo iminsi mirongo ine ageragezwa na Satani, aba hamwe n'inyamaswa, abamarayika bakamukorera.

Kwitandukanya ni ko kubanziriza guhishurirwa! Kuva mu Itangiriro kugeza mu Byahishuwe, kwitandukanya ni ingenzi kugira ngo havanweho buri kintu cyose gishobora kukurangaza, ibirangaza cyangwa ibiyobya Hafi ya buri muntu ukomeye mu Byanditswe yabanje kumara igihe mu bwigunge yakira amabwiriza y'Imana mbere yo kwinjira mu ishyirwa mu bikorwa ryuzuye ry'umuhamagaro we Pawulo yamazwe imyaka itatu muri Arabiya, Mose imyaka mirongo ine mu butayu, naho Yesu iminsi mirongo ine mu butayu. Ibi ntibyari impanuka; byari igikoresho gikenewe cyo guhuza amatwi yabo n'Ijambo ry'Imana.

Kwitandukanya bisobanura gucecekesha urusaku, n'iyi rwaba ruri impande zawe zose, maze ugashyira umutima wawe ku byo Imana ishaka gushyira mu mwuka wawe. Mu gihe cyo kwitandukanya, Yesu yahuye n'ibiburangaza, kuva ku bitero by'abadayimoni kugeza ku nyamaswa zo mu gasozi, nyamara yagumye ahanze amaso ku Mana. Ni aho, mu bukana bw'ibigeragezo by'umwuka n'iby'umubiri, abamarayika bamukoreraga. Hitamo kwitandukanya muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Iyo mfashe umwanya wo kumva Imana, n'iyi naba ndi hagati y'inyamaswa zo mu gasozi n'ibiburangaza, ndakomezwa kandi nkita bwaho!



IBINDI BYANDITSWE
Matayo 6:6



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365
Luka 5:1-19; Zaburi 29-31



GoodNews
DAILY

UMUTIBA W'INZUKI

Imigani 13:20

Ugendana n'abanyabwenge azaba umunyabwenge na we, Ariko mugenzi w'abapfu azabihanirwa.

Ubuzima n'intsinzi by'inzuki biterwa n'izo ziba zifatanyije. Mu mutiba w'inzuki, buri ruyuki rufite inshingano: abakozi bazana ubuki, abita ku bana bakabafata neza, abarinzi bararinda, naho umwamikazi agatera amagi kugira ngo umutiba ukomeze kubaho. Iyo rumwe rutubahirije inshingano zarwo, umutekano n'imibereho y'inzuki biba mu kaga. Mu buryo bumwe, nk'abana b'Imana, kenshi ntitubona ingaruka zo kubana n'abantu batari bo.

Tekereza urugendo rwawe hamwe na Kristo nk'umutiba w'umwuka ugizwe n'abantu Imana yashyize hafi yawe kugira ngo bagufashe mu muhamagaro wawe. Kwemerera ingaruka mbi kwinjira bishobora kubangamira gukura kwawe no kuyobya icyerekezo cy'ubuzima bwawe. Ibyanditswe biratuburira ko kuba mu itsinda ry'abapapfa bitera kurimbuka. Hitamo neza. Wifatanye n'abantu bafite intekerezo zimwe, bafite ishyaka ryo guteza imbere Ubwami bw'Imana. Kuko ejo hawe ari h'agaciro cyane kurusha uko wahazanaimibanire idafite umumaro.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngendera mu bwenge! Nditandukanya! n'imbaraga zose z'ubupapfa. Ubufatanye bwanjye bugaragaza urwego rwo mu ijuru. Ndihuza n'abantu b'Imana bafite intego n'icyerekezo nk'ibyanjye!



IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 15:33



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Gutegeka kwa Kabiri 16-18; Mariko
12:28-44

KUWA GATANDATU,
WERURWE 21



INYIGISHO Z'ABANTU

Mariko 7:13

nuko ijambo ry'Imana mukarihindura ubusa kugira ngo mukomeze imigenzo yanyu yababayemo akarande. Kandi hariho n'ibindi byinshi mukora nk'ibyo.

Miliyoni nyinshi z'Abakristo barababara kuko bafata amagambo cyangwa imigenzo y'abantu bakayihindura inyigisho. Bibiliya isobanura neza ko kimwe mu bintu bike bishobora gutuma Ijambo ry'Imana ritagira imbaraga ari ukwubahiriza imigenzo y'abantu kurusha Ijambo ry'Imana ritagira amakosa. Umubiri ukoresha uri ku isi ni igikoreshe gusa; wowe nyakuri uri umwuka. Ibi bisobanura ko umuco w'igihugu cyawe, umujyi wawe, cyangwa umuryango wawe ugengwa n'ubutware bwo hejuru bw'Ijambo ry'Imana.

Niba umuco wo ku isi ushyigikiye ubukene uburakari, agahinda, cyangwa imitekerereze ihabanye n'ibipimo by'Imana, ntukwiye kuyemera. Ibyo byemeza bigamije kugutandukanya n'umugisha n'ukuri kwo mu mwuka kwahishuriwe mu Ijambo ry'Imana. Uhereye igihe wakiriye Kristo, wavutse ubwa kabiri mu muco w'ubutware n'ubuhangange bwo hejuru y'iby'isi n'iby'umwuka. Gendara muri ubwo butware kuva uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze imigenzo y'iyi si! Buri gitekerezo cyangwa umuco udafite imizi mu Ijambo ry'Imana ntugira ububasha ku buzima bwanjye. Ijambo ry'Imana ni ryo tegeko rya nyuma mu buzima bwanjye; ngendana n'ubwuzu n'ubutunzi bwaryo uyu muni!



IBINDI BYANDITSWE
Abakolosayi 2:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365

Gutegeka kwa Kabiri 19-21; Mariko
13:1-20



UMUJURA W'UMUNEZERO

Yesaya 60:22

Umuto azagwira abe mo igihumbi, uworoheje azaba ishyanga rikomeye. Jyewe Uwiteka nzabitebutsa igihe cyabyo nigisohora.

Hari amagambo avuga ngo, “Kwigerezanya ni umujura w'Umunezero.” Ayo magambo yoroshye arerekana ukuri kwimbitse kwa Bibiliya. Abakristo benshi batakaza amahoro n'umunezero byabo kubera kwigereranya n'abandi mu bijyanye n'ubukungu, ubukwe, cyangwa akazi. Ijambo ry'Imana riduhamiriza ko Imana ishaka kandi yateguriye buri wese ibyiza byihariye. Nk'Umubyeyi w'Umunyabwenge kandi Uzi byose, Imana izi igihe, uburyo, n'ibihe nyabyo byo kuduha umugisha wayo.

Ibigeragezo ntibisobanura ko Imana yakuretse, kandi ntibivuze ko ejo hazaza hatari heza. Ntuzigere ugerarany ubuzima bwawe no gutsindwa. Hari igihe abandi baza mbere yawe, ariko isiganwa si iry'abihuta. Imana ifite igishushanyo cyihariye n'igikwiye cy'ubuzima bwawe, cyuzuye imigisha yizewe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinagereranya ubuzima bwanjye n'ubw'abandi! Nzi neza ko Imana ifite umugambi wihariye kandi w'agaciro ku buzima bwanjye. Sinzaterwa isoni cyangwa ngo nshake aho nihisha muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe; nkorera Imana ituba ibintu BIBAHO! Haleluya!



IBINDI BYANDITSWE
Umubwiriza 9:11



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365

Gutegeka kwa Kabiri 22-24; Mariko
13:21-37

GoodNews DAILY

KUGIRIRA ISHYARI ABATUBAHA IMANA

Zaburi 37:1-2

Ntuhagarikwe umutima n'abakora ibyaha, Kandi ntugirire ishyari abakiranirwa. 2Kuko bazacibwa vuba nk'ubwatsi, Bazuma nk'igisambu kibisi.

Abantu benshi bibeshya ko Itorero riri inyuma y'isi mu mibereho, bigatuma bashima abari mu rwego rwo hejuru mu bwami bw'umwijima. Nyamara Ijambo ry'Imana rirabigaragaza neza. Umuntu ashobora kugira ubutunzi bwinshi n'icyubahiro gikomeye, ariko iyo uzi uwo uri we n'Uwo ukorera, icyubahiro cy'abantu ntacyo kiba kivuze ugereranyije n'ubwiza bw'Imana iri muri wowe.

Iyo watangiye gushimagiza mu by'Imana, uba ufunguye umutima wawe ku mbaraga zabo, kandi mu buryo bwagutse, kuri Satani ubwe, bigatuma buhoro buhoro utangira kugendera mu migenzo y'isi aho kugendera mu gukiranuka. Ariko muri Kristo, ufite ubutunzi, icyubahiro, n'ubutware burenze kure ubw'abari mu mwijima. Nturi umuntu usanzwe wikubye; inshuro igihumbi witeguye neza kandi ufite imbaraga zo gutsinda buri cyigeragezo cyose umwanzi yakuzanira.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kugira ishyari ku mibereho y'abatagendera mu by'Imana! Sinzabyemera na rimwe ngo ntegekwe n'ingaruka z'umwanzi. Imbaraga zose abo mwisi baba bafite, kuko nkorera Imana ikomeye kandi iruta byose! Imana ihimbazwe. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
1 Yohana 4:4



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Gutegeka kwa Kabiri 25-27; Mariko
14:1-36

GoodNews
DAILY

BYOSE BIRAKUREBA

Yakobo 1:22

riko rero mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka.

Wari uzi ko urwego rw'imibereho yawe, cyane cyane mu bijyanye n'iterambere n'ubuzima buzima, biterwa na we ubwawe? Nta kintu na kimwe Imana izaguha nk'impano gusa — n'ubwo wayikunda cyangwa ukayikorera byimazeyo — kuko ubutunzi n'ubuzima si ibihembo, ahubwo ni ibisubizo by'uko ukoresha Ijambo ryayo.

Imana yaguhaye Ijambo ryayo ifite intego yo kubona ko, igihe urikoresheje, amasezerano yose yavuze ku buzima bwawe yigaragaza nk'ukuri. Ariko abakristo benshi ntibasobanukiwe iri hame, bibeshya ko "ibibi bihora bibaho ku bantu beza."

Ukuri ni uko, nubwo gukiranukira Imana bifite agaciro, bidashyiraho urwego rw'imibereho yawe nk'umukristo. Ni uburyo ukoresha amahame yo mu Ijambo ry'Imana bubishyira mu bikorwa. Imana yamaze kuguha imbaraga n'ubutware bwo guhindura ubuzima bwawe. Ikibazo nyamukuru ni iki: ese urabikoresha?

IJAMBO RYA GIHANUZI

Intsinzi yanjye iterwa nanjye! Imana yamaze kungeneye byose byo kunshoboza gutsinda. Uyu mwaka, nzakoresha byose yampaye mu Izina rikomeye rya Yesu! Amen.



IBINDI BYANDITSWE

Luka 10:19



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Gutegeka kwa Kabiri 28-29; Mariko
14:37-72

GoodNews
DAILY

ICYO UREBA NI CYO UFATA

Yosuwa 6:2

Uwiteka abwira Yosuwa ati “Dore nkugabije i Yeriko n'umwami waho n'intwari zaho.

Isi tubamo iyoborwa n'ibibera mu isi yo mu mwuka. Mbere y'uko utunga ibyo Kristo yaguhaye, ugomba kubibona mbere mu buryo bw'umwuka si ukubibona n'amaso y'umubiri, ahubwo n'amaso y'umwuka. Ibi ni bimwe mu mahame akomeye agenga Ubwami bw'Imana.

Mu murongo w'uyu muni, Yosuwa yibuka ibyabaye mbere y'intambara yo gufata Yeriko. Mbere y'uko ingabo ziteranywa cyangwa intwari zitegurwa, Imana yabanje kumubwira ko uwo muji wamaze kumushyirwa mu maboko. icyo Yosuwa yagombaga gukora cyari kimwe gusakubanza kubibona mu mwuka.

Imana yamaze kugusezeranira byose ukeneye ngo utsinde kandi utere imbere. Banza ubibone mu isi yo mu mwuka binyuze mu isengesho no gusoma Ijambo ryayo, hanyuma uzabibona bigaragaye no mu isi y'umubiri.

IJAMBO RYA GHANUZI

Ndabona iterambere, ubuzima bw'Imana, amarembo y'amahirwe, n'imigisha byose byashyizwe mu maboko yanjye! Natsinze intambara zose z'umwanzi mu gice cyose cy'ubuzima bwanjye. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Itangiriro 13:14-15



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365
Gutegeka kwa Kabiri 30-31; Mariko 15:1-24



NIKI IMANA IVUGA?

YOBU 22:28

Uzagira icyo ugambirira kikubere uko ushaka, Kandi umucyo uzamurikira inzira zawe.

Abakristo benshi bagiye basobanura nabi icyo Bibiliya ivuga ku mbaraga z'amagambo. Kwatura ibivugwa si ugukomeza kwishimisha cyangwa kwirinda ibibi gusa, ahubwo ni uguhuza amagambo yawe n'ukuri k'Ijambo ry'Imana. Umurongo w'uyu muni utwibutsa ko igihe watura amagambo ahuye n'Ijambo ry'Imana, dutuma umugambi wayo ugaragara no mu isi y'umubiri.

Kwatura amagambo s'ukuyasubiramo nka gasuku. Bigira imbaraga igihe amagambo yawe agaragaza ibyo Imana ivuga kuri wowe. None, icyo ivuga ni iki? Ivuga ko yaje kugira ngo ugubwe neza kandi ugire ubuzima bwiza. Ko ufite ubutware ku batwarei n'imbaraga zose. Ko utari uwo mu isi. Byature ushikanye! Si ukuri gusa mu mwuka; ni ukuri kandi ku buzima bwawe bwa buri muni.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amagambo mvuga ajanyanye neza n'Ijambo ry'Imana. Iyo mvuga ibyo Bibiliya ivuga ku buzima bwanjye, ntuma uko kuri kugaragara mu buryo bw'umubiri, mu Izina rya Yesu. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 4:13



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365
Gutegeka kwa Kabiri 32-34; Mariko 15:25-47

GoodNews DAILY

IGIHE IBINTU BYOROSHYE NO GUKORESHA UKURI

2 Timoteyo 4:2

Ubwirize abantu ijambo ry'Imana ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mu kitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure ufite kwihangana kose no kwigisha.

Muri iyi minsi ya nyuma, abigisha b'ijambo ry'Imana ku isi hose bashimangira gutsinda ubugingo uvana abantu mu mwijima ubazana mu mucyo w'umwana w'Imana ukundwa Yesu Kristo,. Ariko, abakristo benshi basangiza ubutumwa bwiza gusa iyo bibabereye byoroshye, aho gukurikiza ibyo Umwuka Wera ubategeka. Umurongo w'uyu muni utwibutsa ko ari inshingano yacu kuba twiteguye gusangiza ukwizera kwacu, haba igihe cyiza cyangwa igihe kibi.

Imana ntikora ishingiyeye ku gihe twapanze. Iyo Umwuka Wera agutegeka kuvuga, ntutegereze igihe kiza, kora ako kanya! Yesu, urugero rwacu rwiza, yavugaga Ijambo nta gutinya abo bashakaga kumugirira nabi. Reka kugoreka icyo Ijambo ry'Imana rivuga ryeruye. Ntukabuze Umwuka kugukoresha ngo agire uwo abwira ubutumwa bwiza. Hitamo ukwizera kuruta korohereza.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpora niteguye gukwirakwiza ubutumwa bwa Yesu Kristo ku muntu uwo ari we wese, aho ari ho hose, igihe icyo ari cyo cyose! Ubwoba bwo kumpakanira ntibizabuza ukwizera kwanjye gufasha abandi. NK'uko Yesu yabigenje, nahisemo gukoresha ukuri kuruta kwiyorohereza! Amen.



IBINDI BYANDITSWE

1 Peterso 3:1



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Yosuwa 1-3; Mariko 16



HEJURU Y'IBIGERAGEZO

Abaroma 12:2

Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

Hari isi iri hejuru y'iyi tubamo, isi y'icyubahiro aho Ijambo ry'Imana ari ryo shingiro rikuru. Muri ubwo buzima bwo hejuru, amategeko akora gusa ni ayo mu Ijambo ry'Imana. Binyuze muri Kristo, ubu uri mu buzima bwo hejuru, kandi Imana yaguhaye Ijambo ryayo kugira ngo rigutoze kubaho hejuru y'ibibazo by'isi. Nuko, ntuzigere uvuga uti, "Ndi muni y'ibibazo," kuko ibyo ntibishobora kuba ukuri kwawe. Muri Kristo, uba hejuru y'ikibazo cyose kibi.

Kugira ngo ugende neza muri ubu buzima bwo hejuru, umutima wawe ugomba kumvira Ijambo ry'Imana buri muni. Iyo uhuje umubiri wawe n'ukuri kw'Imana, uzava mu migenzo y'isi y'indwara, ubukene, agahinda n'amakuba, ukinjira mu buzima bushya bw'iterambere no kwaguka.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mba hejuru y'ibibazo! Ntabwo mbaho mubuzima bwakuwe mu bibazo isi ihura nabyo. Navukiye mu isi y'icyubahiro cy'Imana! Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 2:6



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365
Yosuwa 4-6; Yohana 1:1-28

GoodNews
DAILY

NKUKO DATA ARI NIKO N'UMWANA ARI

2 Abakorinto 3:18

Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk'ubw'Umwami w'Umwuka.

Umwami Yesu yabaye ku isi nk'aho atari Umwana w'Imana mu cyubahiro cye cyose, ahubwo nk'Umwana w'Umuntu. Yihitiyemo kubaho nk'umuntu kugira ngo agaragaze ko ibitangaza, ibimenyetsoyakoze nawe ushobora kubikora, umwana we, n'iyi uri mu mubiri w'isi.

Mu gihe usoma Ibyanditswe by'Intangiriro za Evangele kandi ugakurikirana ubuhamya bw'ibikorwa bye bikomeye, nturebe imirimo ye nk'aho idashoboka. Kristo yaje kuba urugero rwiza, igishushanyo cy'uko dukwiye kubaho. Urupfu rwe ku musaraba ntiwari rwo gukiza gusa; rwari kugira ngo wakire kandi ugende mu mbaraga n'ubuzima bwe kimwe na we.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ubuzima bwa Kristo muri jye! Umwami Yesu ni urugero rwanjye rwiza, kandi uko nsoma kandi nsuzuma Ijambo rye, ndi guhindurwa buri muni mu ishusho ye nyakuri. Amen.



IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 4:17



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Yosuwa 7-9; Yohana 1:29-51



IBIGOMBA KUBA BIGOMBA KUBA

Luka 10:19

Dore mbahaye ubutware bwo kuja mukandagira inzoka na sikorupiyo, n'imbaraga z'Umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose.

Hari icyorezo cyugarije Abakristo batamenya imbaraga bafite zo guhindura ibibagerageza. Benshi bitwara mu buzima mu buryo bwo kwemerera ibigerageza kubatwaza igitugu aho guterwa umwete n'impinduka. Imvugo nka "Ibizaba, bizaba" cyangwa "Niba ari ibyanjye, bizangeraho" ni ibinyoma by'umwanzi bigamije kubuza abantu gusingira umurage wabo.

Nkawe wavukiye muri Kristo, wahawe ubutware n'imbaraga zo gusenya imigambi yose mibi y'umwanzi. Ushobora guhamagara mu buzima ibyo Kristo yaguhaye bikabaho. Ibi bisobanura ko ushobora kwatura ubukire bwawe, ubuzima buzira umuze, no gutegeka imigisha yose ngo ize yihuta mubuzima bwawe. Fata Ijambo ry'Imana uyu muni, ugendere mu kuri kwaryo, maze urebe ubuzima bwawe buhinduka burundu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nta kintu gishobora kutungura! Nta kibazo kirenze ubushobozi bwanjye bwo kughindura. Ndi Umukristo udategereza ko ibintu bihinduka; ninjye utuma ibintu bibaho! Amen.



IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 4:13



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Yosuwa 10-12; Yohana 2

GoodNews
DAILY

KUTAMENYA IJAMBO RY'IMANA

Hoseya 4:6

"Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumera umutambyi. Ubwo wibagiwe amategako y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe.

Mu rukiko, kutamenya amategako ntibifatwa nk'impamvu yumvikana. Birababaje ko Abakristo benshi batazi ukuri kw'ijambo ry'Imana. Ibyo bituma babaho ubuzima busanzwe burimo ububabare, ubukene, kubura no kurwana n'ibibazo. Si uko ari ubushake bw'Imana, ahubwo ni uko batamenya ibyo Imana yabageneye.

Bibiliya irabisobanura neza: abantu b'Imana bararimbuka babuze ubwenge, si uko umwanzi afite imbaraga nyinshi, ahubwo ni uko batiteguye kumurwanya. Ijambo ry'Imana ni intwaro yawe. Iyo urisoma kandi ukaritekerezaho ni byo biguhesha intwaro zo mu mwuka zo gutsinda ibitero byose by'umwanzi. Wange kubaho muni y'umurage wawe. Genda mu mbaraga n'amasezerano y'Ijambo ry'Imana!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi Umukristo wiga! Binyuze mu gusoma Ijambo ry'Imana, nditegura kurwana intambara. Iyo nsoma Ijambo, umwanzi nta mahirwe aba afite! icyubahiro kibe icy'Imana. Amen.



IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 5:13



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MINSI 365**

Yosuwa 13-15; Yohana 3:1-21



GIHANUZI WA BURI MUNSI

InkuruNziza ya Buri Minsi yishimiye kumurika ibyiciro bishya byandikiwe abana ndetse n'ingimbi mu buryo bwihariye, bikaba bije biherekeza icyiciro cyari gisanzwe. Buri cyiciro gitanga Ijambo rya gihanuzi rya buri minsi rivuye ku mutima w'Umuhanuzi Uebert Angel, rikagaragazwa mu buryo bwumvikanira buri wese ku myaka ye kandi rigahuzwa buri wese mu muryango.

Izi nyigisho zanditswe neza kugira ngo Ijambo ry'Imana rigire ubuzima mu buryo bwisanisha n'ubuzima tubamo kandi rigire umumaro, bityo rifashe abarisoma gukura mu kwizera, mu bwenge ndetse no gukura mu mwuka. Intego yacu ni ugushimangira ko ukuri kw'Imana kugera ku mutima wa buri wese ku kigero cye, bikabatera gushaka kugirana urugendo rwimbitse n'Imana buri minsi.

ICYICIRO CY'INGIMBI

Kijya byimbitse gikoresheje ihishurirwa rikomeye rihabwaho ubushobozi abato bwo kunyura mu bibazo by'isi bafite ubwenge bw'umwuka n'imbaraga.

ICYICIRO CY'ABANA

Cyanditswe ku buryo kibasha kugaragaza ukwizera, urukundo ndetse n'amasezerano y'Imana mu buryo bushimishije kandi bwisanisha na buri wese bigafasha imitima y'abana kugirana umubano ukomeye n'Imana kandi bikazana inyigisho za Bibiliya mu buzima busanzwe.



Buri minsi, uzabona Ijambo ryawe rya Gihanuzi ryanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel, ubutumwa buva ku Mana bwo gukomeza urugendo rwawe n'Imana kandi bukakuyobora mu kubaho mu Ijambo ryayo. Ni uburyo bukomeye bwo gukura hamwe nk'umuryango mu kwizera kandi bigakomeza gusobanukirwa ukuri kw'Imana kwawe.

NTUCIKWE!

Tangira kubona imbaraga zihindura ziri mu NkuruNziza ya Buri Minsi, umuyobozi wa gihanuzi wagenewe kuzamura ndetse no kwereka ibyiza buri kigero!





UMWAMI WACU YESU KRISTO

Umwami wacu Yesu Kristo ni we buye rukomeza imfuruka ry'Ukwizera kwa Gikristo, ubuzima bwe n'inyigisho ze byagize ingaruka ku mateka y'isi. Umwami wacu Yesu Kristo azwiho urukundo rutagereranwa, ubwenge, n'ibitangaza yakoze. Ubutumwe bushingiye ku rukundo, imbabazi, ndetse n'isezerano ry'Ubuzima buhoraho, bitanga ibyiringiro no gucungurwa kuri bose bamwizeye. Mu murimo we, yagiye hose ku butaka bw'I Yudeya, akiza abarwayi, ahumuriza abaremerewe, kandi yigisha iby'ubwami bw'Imana buhoraho.

Kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe bisobanuye kwakira inyigisho ze no kwemerera ukubaho kwe guhindura kukaza mu buzima bwawe. Ni urugendo rugana mu gutunganirwa kw'umwuka, rushinze imizi mu kwizera, urukundo, no mu isezerano ry'agakiza.

Mu Mwami wacu Yesu Kristo, tubonamo imbaraga, ibyiringiro, n'inzira ijyana ku mahoro adashira. Guhindurwa mushya, cyangwa se gukizwa, ni ukubaha Imana n'umugambi wyo ndetse n'ubushake bwayo ku buzima bwacu. Ni ukuva mu migendere yacu ya kera tugahundukirira Yesu Kristo, kumusaba imbabazi z'ibyaha byacu maze akaduha ubuzima bushya muri We.

Abaroma 10:9haravuga hati: "Niwtuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa."

Agakiza ni impano itagira ikiguzi duhabwa n'Imana maze tukaba abana bayo. Ni ukwemezwa kudasubirwaho mu muryango w'Imana kandi ni imbaraga duhabwa zo kubaho ubuzima bwuzuye kandi bwiza dufite intego yo kwerekana Imana ku bindi biremwa byayo.



ESE WAKIRIYE

YESU KRISTO?

"kandi Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye." -Luka 19:10

TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO UMWAMI W'UBUZIMA BWawe MU GUSENGA IRI SENGESHO

O Mwami Imana, nje iwawe mu Izina rya Yesu Kristo. Nizeye n'umutima wanjye wose muri Yesu Kristo, Umwana w'Imana Nzima. Nizeye ko yampfiriye kandi Imana ikamuzura mu bapfuye. Nizeye ko ari muzima uyu munsu. Ndatuza akanwa kanjye ko Yesu Kristo ari umwami w'ubuzima bwanjye guhera uyu munsu. Muri We no mu Izina rye, mfite ubugingo buhoraho; mvutse ubwa kabiri.

Urakoze Mwami, gucungura ubugingo bwanjye!
Ubu ndi umwana w'Imana. Haleluya!

Mbega ibyishimo!
Ubu ubaye umwana w'Imana.

Komeza gukura uguma mu Ijambo ry'Imana, usenga buri munsu, kandi ukomeze ukwizera kwawe. Imana igufitiye ibyiza bihambaye mu rugendo rwawe ruri imbere!

**Ukeneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura
muri Kristo waduhamagara:**

UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942

RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955

Email: gnd@goodnewsworld.com



SCAN ME



ICYANDITSWE

CYUBURINZI

Ukikijwe n'imbaraga z'Imana, nta cyago cyahagarara imbere yawe!

YESAYA 54.

14. Nubatswe nkomeye, nshinzwe mu gukiranuka. Kure y'ikibazo cyose – ntacyo gutinya! Kure y'ibiteye ubwoba – ntabwo bizananyegera!

15. Umuntu uwari we wese nantera, ntabwo nzatekereza na rimwe ko ari Imana yamwohereje. Kandi nantera, ntakizavamo.

16. Imana yaremye umucuzi utwika inyundo ye, agakora intwaro yagenewe kwica. Ni nayo yaremye umurimbuzi.

17. Ariko nta ntwaro yagira icyo intwara yigeze icurwa. Uwo ari we wese undega azirukanwa nk'umunyabinyoma. Ndi umukozi w'Imana bityo iki nicyo nategereza, ko Imana izakora ku buryo buri kintu gikorera kuzana ibyiza birusha ibindi byose ku bwanjye.

Ibi ni byo Imana imbwira kandi ntibizabura gusohora mu Izina rya Yesu!

Ukeneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura muri Kristo waduhamagara:

UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942

RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955

Email: gnd@goodnewsworld.com





IMPANO

Y'AGAKIZA

ABAROMA 10:9 "NIWATUZA AKANWA KAWWE YUKO YESU ARI UMWAMI, UKIZERA MU MUTIMA WAWWE YUKO IMANA YAMUZUYE UZAKIZWA."

Agakiza nicyo gitangaza gisumba ibindi. Ntikazanwa n'imirimo myiza cyangwa se gukirikiza amahame y'idini, ahubwo ni impano y'Imana duhabwa ku buntu. Igihe Yesu Kristo yapfaga akazuka mu bapfuye, yafunguriye buri muntu wese inzira yo kurokorwa ibyaha maze akinjira mu buzima buhoraho. Amaboko arafunguye, yiteguye kwakira buri wese wizeye kandi akambaza izina rya Yesu.

Utitaye ku hantu hose waciye cyangwa se ibyo wakoze. Amaraso ya Yesu yoza ibyaha byose, amakosa yose, no gutsindwa kose. Mu mwanya umwe w'ukwizera, ahahise hawe hakurwaho, maze ubuzima bushya bugatangira. Icyo ugomba gukora ni ukwizera mu mutima wawe ko Yesu ari Umwami maze ukabyatuza akanwa kawe. Uyu mwanya, wamwakira.

Vuga uti: "Mwami Yesu, nizeye ko wampfiriye kandi ukazuka. Ndakwakiriye nk'Umwami n'Umukiza."



Ni ibyo gusa, uvutse ubwa kabiri!
Uvuye mu rupfu uje mu buzima.



UMWANYA WAVE WO

GUKIRA INDWARA

1 PETERO 2:24 “Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka. Imibyimba ye ni yo yabakijije.”

Gukira indwara si isezerano dutegereje ko risohora; ahubwo ni umurimo waragiye. Igihe Yesu yabambwaga ku musaraba, ntiyikoreye ibyaha bwawe byonyine, yikoreye indwara zose, ububabare bwose ndetse n’uburwayi bwose. Imibyimba yari ku mugongo we nibyo byari ikiguzi cyo kumera neza kwawe.



Ntabwo ugomba guhangayika cyane kugira ngo ukire indwara; gukira indwara kwawe kwatanzwe imyaka irenga ibihumbi bibiri ishize. Ubu, igisigaye cyonyine ni ukubyzera kwawe. Igihe wakiriye Yesu Kristo, imbaraga nk’izazuye Yesu mu bapfuye zitangira gukora mu mubiri wawe.

Atura ubuzima muri buri tunyangiro twose no mu magufwa yose. Anga kwibona nk’umurwayi. Ahubwo, atura ushize amanga uti: “Kubw’imibyimba ye, narakize indwara”

Aka kanya, imbaraga zikiza indwara ziri gutemba muri wowe. Buri kimenyetso cy’indwara cyose kuzapfukama mu Izina rya Yesu.

Byakire, gukira indwara kuri hano!



IYEREKWA RY'ISI YOSE RIKENERA

INGENGO Y'IMARI Y'SI YOSE

BA UMUFATANYABIKORWA W'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI



Buri kwezi abafatanyabikorwa bacu, bashyikiriza ibitabo by'iyi nyigisho y'Inkuru Nziza ku buntu ku bantu bari mu bigo by'imfunyi, za gereza, mu bitaro, mu nzu z'abakuze, mu bigo bya leta ndetse n'ahandi henshi ku isi yose. Twakiriye ubuhamya bw'abakiriye agakiza, abakize indwara, guhabwa kw'igitangaza n'ibindi byinshi byaje nk'umusaruro wo gutanga iyi nyigisho ku isi yose.

Ifatanye hamwe natwe muri uyu murimo w'Imana uha umuntu amahirwe yo gutangira bundi bushya no kugira ibyiringiro by'ejo hazaza.

Ukeneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura muri Kristo waduhamagara:

UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942

RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955

Email: gnd@goodnewsdaily.com





UBUTUMWA BUMWE

INDIMI NYINSHI

KUKO UBUTUMWA BWA KRISTO BUTAGIRA UMUPAKA W'URUMI

InkuruNziza ya Buri Muni iri guhindura ubuzima ku isi yose binyuze mu kuyisemura mu ndimi nyinshi, biha amahirwe benshi yo kuyisoma bakamenya ubumenyi bwa Yesu Kristo bukiza. Mu bihugu no mu mico itandukanye, abantu batandukanye babona Ijambo rya Gihanuzi kandi bakabaho ubuzima bw'impinduka hamwe n'Imana muri iyi nyigisho.



InkuruNziza ya Buri Muni iri kurenga imbibi kandi ikavuga byeruye mu mitima y'abantu mu rurimi rwabo bumva. Kuva mu ngo no mu mashuri kugera mu nsengeru, za kaminuza ndetse no mu bayobozi n'abakuru b'ibihugu, iri kugera muri buri rwego rw'imibereho.

Mu gutwara Ijambo ry'Umuhanuzi Uebert Angel muri buri gihugu ndetse na buri rurimi, InkuruNziza ya buri muni iri gufasha mu gusohozza umukoro ukomeye wo kubwiriza ubutumwa bwiza muri iki gihe.

KUGIRA NGO UBE UMUFATANYABIKORWA WASURA URUBUGA RWACU:

IKAZE KU RUBUGA RWACU



MENYA BYINSHI USURA URUBUGA RWACU UYU MUNSI

Sura urubuga rw'Inkuru Nziza ya Buri Munsi kugira ngo ubone inyigisho z'abakuru, ingimbi ndetse n'abana, buri yose yandikanywe ubushishozi kugira ngo ikomeze kwizera kwawe kandi yongera kumva Ijambo ry'Imana kwawe byimbitse. Urubuga rwacu kandi ruriho n'inyigisho zikomeye z'Umuhanzuzi Uebert Angel, amakuru agezweho ku bikorwa by'Inkuru Nziza ya buri Munsi, ndetse n'ibindi bikoresho byagenewe kugufasha gukura no gukomera muri buri gice cy'ubuzima bwawe.

Waba ukeneye Ijambo ryo kugukomeza buri munsi, ihishuriwa ryimbitse, cyangwa se uburyo bwo gukomeza kumenya amakuru yo mu isi y'Inkuru Nziza (GoodNews World), buri cyose wifuza kuboneka hamwe ku rubuga rw'Inkuru Nziza ya buri munsi (GoodNews Daily Website)





Dukurikire ku mbuga nkoranyambaga:
@goodnewsdailydevotional

DUKURIKIRE BURI MUNSI



Ngwino mu muryango w'abatangira umunsi bumva inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ku isi yose. Umva Inkuru Nziza ku rubuga rwa Spotify maze igufashe mu rugendo rwawe rwo gukura mu mwuka no kumenya ukuri kwa Bibiliya muni y'ihishurirwa n'inyigisho z'Umuhanuzi Uebert Angel.

DUKURIKIRE BURI MUNSI



Tukugezaho ubuhamya bwabayeho bugaragaza uko inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni yagize umumaro ukomeye ku isi yose binyuze ku rugaba rwacu kuri YouTube. Nk'inyigisho ya buri muni ya mbere, yakoze ku buzima bw'imbaga y'abantu, isakaza ubutumwa bwo kwiringira, urukundo n'ukwizera. Mu nyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni yabaye igikoreshe gikomeye kizana impinduka, kiyobora abizera kandi kigakomeza urugendo rwabo n'Imana.



SUBSCRIBE NOW

KOMEZA UDUKURIKIRE UKOMEZE WIGE

06:00 AM

ALARM FOR TODAY: A LIFE OF PEACE & JOY

**SHYIRAMO APPLICATION IGUFASHA KUBYUKA
WUMVA INKURU NZIZA HANO:**

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

GoodNews DAILY CONNECT

IJAMBO RISHYA RYA BURI MUNSI, RIRI HAFI YAWE



UBU IRABONEKA

Komeza ukurikire Ijambo aho uri hose! Bona inyigisho ya buri muni, ubutumwa busubizamo intege mu bugingo n'inyigisho z'Umuhanuzi Uebert Angel zizagukomeza kandi zikubaka ukwizera kwawe buri muni.



Get it on
Google play



Available on the
App Store

IBICURUZWA BYACU

IBYO WAKENERA BYOSE BIRI AHANTU HAMWE



INKORANYA Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI ICYICIRO

CYA MBERE

Kubaho ubuzima butanga umusaruro muri Kristo bitangirana n'ubushake bwo kumenya no gusobanukirwa Ijambo ry'Imana. Inkoranya y'Inkuru Nziza ya buri muni, yanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel, ituma ubwo bushake bugerwaho byoroshye kandi bukagira umumaro. Icyiciro cyayo cya mbere gihuriza hamwe ibice bikomeye byuzuyemo inyigisho n'ubutumwa ku ngingo zitandukanye, byose bihuriwe hamwe mu buryo byoroshye kubikurikirana no kubyumva. Buri rupapuro rwufasha gukomera mu kwizera, ukagira ubumenyi bwimbitse mu butumwa bwiza, maze ukabona imbaraga zihindura z'Ijambo ry'Imana buri muni.

UKORESHE KODE HASI 10% YIGURISHA MBERE:

GOODNEWS10

FOTORA HANO
KUGIRA NGO UBONE
IBICURUZWA BYOSE





INGINGO YA 1 | 2026

MUTARAMA - GASHYANTARE - WERURWE

Inkuru Nziza ya Buri Muni ni inyigisho itunganywa na Spirit Embassy: Urusengero rw'Inkuru Nziza, isakaza inyigisho za Gihanuzi n'ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Yashyiriweho gusakaza ubutumwa bwa Yesu Kristo no gukomeza abizera mu Ijambo ry'Imana.

KU BINDI BISOBANURO, UKENEYE ISENGESHO CYANGWA USHAKA KWIFATANYA NATWE, WAHAMAGARA ISHAMI RIKWEGEREYE

Izina ry'ishami: Spiriti Embassy Rwanda
Izina ry'uhamagarwa: Louange Liza INEZA
Telephone: +250 783 834 861
Email: Spiritembassyrwanda@gmail.com
Aho baherereye: Kigali, Rwanda

Copyright © 2025 by Uebert Angel
All rights reserved.

support@goodnewsworld.com
www.goodnewsworld.com

Ukeneye ibindi bisobanuro cyangwa se gutanga ubuhamya:
gnd@goodnewsworld.com | www.goodnewsdailydevotional.com

Ukeneye ko tugufasha mu rugendo rwo gukura nk'Umukristo waduhagara:

UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com



SCAN ME



For further information on how to
grow as a Christian, please get in
touch with us at:

UK: +44 3333 448 612
USA +1 240 781 6942
RSA +27 51 004 0209
ZWE +263 773 195 955

gnd@goodnewsworld.com
goodnewsdailydevotional.com

SCAN FOR YOUR
FREE DOWNLOAD

